

ICYAKORWA KUGIRA NGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA.

Buri munyarwanda uciye akenge, azi neza amarorerwa yabaye mu Rwanda, akamenya n'intandaro yayo guhera mu gihe cy'abakoloni. U Rwanda igihugu cy'abanyarwanda cyari icy'amahoro n'ubwumvikane mu bagituye, cyahutswe n'abazungu maze bagishora mu kaga k'ivansura n'ironzakoko byagiye bigira ingaruka mbi ku banyarwanda abo bazungu bigaramiye. Byo byafatanije n'ubujiji maze bimunga abanyarwanda, byoreka iki gihugu mu miborogo itoro-shye; umwirwane utangira ubwo mu bana b'u Rwanda, umuvu w'amaraso utemba mu Rwanda inshuro zirindwi ubugira karindwi. Mu myaka yose uw'igihumbi maganacyenda mirongocya na kane wabumbye indi mu guhitana benshi. Wabayemo itsembabwoko n'itsembatsemba ridutwara abantu basaga miliyoni. Uwo mwaka wadusigiyemo imfubyi zitagira ingano, abapfakazi, ibimuga, amatongo menshi n'abatacira aho bikinga, abahamuye n'intambara ndetse n'ibyo babonye. Uwo mwaka wasize kandi intimba mu mitima y'abana b'u Rwanda ndetse udutesha isura nziza twari dufite, umunyarwanda uwo ari we wese yitwa umwicanyi, umuhotozi, mbese aba ruvumwa imbere y'amahanga. Byo byose kuko hari abanyarwanda bamwe bateguye umugambi wo gutsemba abavandimwe babo, abandi bo bitewe n'ubujiji, bitabira ibikorwa by'ubugizi bwa nabi basho- wemo n'abifitire imyungu zabo bwite cyangwa za "Politiki". Amahanga ararebera ndetse atanga n'intwari kuko n'ubundi ngo: "Usenya urwe umutiza umuhoro". Ubwo abanyarwanda benshi barahungu, abahakuye u Rwanda babarungaje imbere, basiga urwababyaye bajya i mahanga. Abicanyi bahungaga inkotanyi (ingabo za F.P.R.) ubu ziri mu ngabo z'igihugu, zari zimaze guhosha itsembabwoko n'itsembatsemba no gutsinda urugamba. Abere benshi bo bahungaga kubera bamwe mu bakoze ibara mu Rwanda bashakaga kubagira urwitwazo no kubera "Politiki y'ikin- yoma" yabumvishaga ko mu Rwanda hari umwirwane n'umutekano muke. Guhera ubwo u Rwanda rubarirwa mu bihugu bya mbere bifite imfungwa n'impunzi nyinshi ku isi. Ariko amahirwe yaradusekeye hajyaho urukiko mpuzamahanga ku itsembabwoko n'itsembatsemba ryabereye mu Rwanda kandi rikorerwa abanyarwanda; impunzi za kera n'iza vuba ziragaruka ngo dufatanye kubaka u Rwanda. Intimba n'ibitekerezo bibi biracyatuye imitima y'abanyarwanda ariko igihe kirageze ngo buri munyarwanda uwo ari we wese asubize amaso inyuma atekereze amarira n'amaganya byaranze iki gihugu cyacu cyane cyane mu myaka itatu ishize. Iki si igihe cyo gukumira amaso ngo buri muntu ategere akazaza, ahubwo ni igihe cyo gufatanya tugashaka inga- mba zidakuka zo kwimikiza ubwumvikane aharanzwe umwirwane, kwimakaza amahoro ahahamwe imi- horo. Urubare rwa buri wese rurakenewe mu gusoza icyo kivi. Abo ku isonga kimwe n'abo ku isu- ri bakwive gusururira aho gusuhurwa bombi hamwe bagasanga isakamburiro ry'umwirwane ushi- neye ku ivansura ryaba iry'amoko, iry'uturere cyangwa se iry'amadini.

WAKWIYE GUKORWA IKI RWERO NGO BURI MUNYARWANDA ATONGERA KWISHISHA MUGENZI WE ?

KUBERA BURI UMUCO NYARWANDA.

Abanyarwanda twese turi abavandimwe, tukagira n'amahirwe yo kuba duhuje ururimi n'umuco. Tugomba gushyigikira ibyiza biri mu muco wacu kuko ari ho dusanga inge- ro nziza zatumaga abakurambere bacu babana neza: kubahana, gukundana, gufashanya, gutabarana bagize ibyago cyangwa batewe n'abagizi ba nabi. Mu ndamukanyo nk'uko byahozeho tujye tu- gira tuti: "Gira amahoro", "Urakabaho", "Gira ishya n'ihirwe"... Ikinyabupfura nacyo kira- sanzwe mu muco nyarwanda, abato ku bakuru n'abakuru ku bato. Muri uwo muco wacu tugomba guhanaguramo ibitangirira agaciro n'ibifite ibitekerezo bishaje. Urugero rufatika ni ibyi- vucyo birata kwicana. Imico yo hanze ntigomba kudutwara, ahubwo tuyigane ibyiza iturusha maze ibibi tubishyire ku ruhande. Urubyiruko ni rwo rukunze cyane kwigana imico y'ahandi, rugomba no kumenya kurushaho gukomera ku bumwe bityo ubwo bwuzuzanye bw'imico bujye buru- fasha kwiyubaha no kubaha ikiremwa muntu.

GUSHYIGIKIRA UMUCO WAMAHORO.

Munyarwanda w'i Rwanda, witura ngo waturamire kandi uturagazwa, ahubwo terura uvuye ikitagenda utibagiwe gutuza ngo wumve icyo bagutoza. Abanyarwanda baranzwe no kuba inkomashyi na banyamurya iyo bigiye, ari byo byatumye benshi bishora mu bwicanyi; umunyarwanda yabaye igikoko ku munyarwanda anabishatse, kandi birashoboka, yanamubera inda- hemuka bakongera bakabana mu mahoro, amarira agahosha.

Abanyarwanda barapfuye kandi barababaye bihagiye ku buryo ntawe ukeneye kongera kubona amabi twavuyemo keretse "ikiburamutima". Ubuzima twabayemo aho twari twihishe cyangwa muri za "burende" mu buhungiro bwaduhishuriye byinshi ku kababaro twabonanaga abandi ntitubviteho. Umunyarwanda wese wa nyuma y'intambara agomba kubanza agahindura ibitekerezo bibi bishingiye ku ivangura byaba bimurimo, agahindura ndetse n'imyifatire ye idahwitse kukko "iyo utaba nk'uko utekereza, amaherezo utekereza nk'uko ubaho".

Umuco w'amaheho nyuma y'intambara witabirwa kandi buri mutururwanda agashyiraho ake kugira ngo buri wese yisanzure, abeho mu bwisanzure.

Mu biranga umuco w'amaheho, uburenganzira bw'ikiremwanuntu buri ku isonga. Amaheho yaguyiye guagata igihe cyose abantu bapfa bazira akamama, igihe cyose mu buroko abantu bapfa bazira amaherere kubera ubwinshi bwabo, isuku nko ndetse n'imirire itabonye. Mbese abari mu buroko ni ibikoko n'ubwo baba baracumaye bwose? Aho mu buroko kandi anarira ni menshi mu bana bazira icyasha bafunganywe n'ababyeyi babo, bakonye kurererwa mu miryango bagatozwa urukundo hakiri kare maze bagakunda bagasabana n'abo bahuje itoto. Kugira ngo izo npararira zicike, umuco w'amaheho ubumbatse nk'uko bikwiye ni byiza ko uburenganzira bw'izo nfungwa n'abo bana bwubahirizwa. Abafite ababo bafunze nabo bakurwa neza ko atari ukubanga cyangwa kubazira, ahubwo ari uguhana uwakosheje no kurenganura uwaronganye.

GUFASHA IMFUBI, ABAPFAKAZI, ABAHAMUTSE N'ABAMUGAJWE N'INTAMBARA.

Abanyarwanda twese tugomba gukora uko dushoboye tugahoza imfubiyi, tugahanagura n'amarira y'abapfakazi n'ay'abahukuwe n'intambara.

Abapfakazi, abahamutse n'abahukuwe n'intambara tubafashe kandi tubahamurize kugirango bashobore gusubiza umutima mu giterako. Buri wese ufite icyo yabafashisha ku by'umutungo akabibagezaho n'ababashyize bagiro umutima wo gusubiza ibitari ibyabo.

Imfubiyi ni izacu tugomba kuzifasha, kuzihumuriza, tukazakira mu miryango zikagira uburenganzira nk'ubw'abandi bana, zikiga amashuri, zikavuzwa kandi tukagerageza guhanagura mu bitokerezo byabo ibibi babonye cyangwa bagiriye, tugomba kubakura mu bwigunge, tukabaha uburere bwiza, tukabatoza kuba abana bazigiriye akanaro bakakagirira n'igihugu. Gutanga ihumure, guhoza no gufasha abo bese ntibigombwe gukorwa na buri muryarwanda gusa ahubwo na leta y'u Rwanda igomba kubibafashamo ndetse ikanatanga indishyi z'akababaro n'impozamarira kuri abo bahukuwe n'ubutegetsi yasinbuye.

GUSABA NO GUFANGA IMBABAZI.

Intambwe ikomeye kugira ngo umubano w'abanyarwanda ugarure ubuyanja ni ukugira ubutwari bwo kwirega no kwicuza, ibyo bigakorwa n'abishe. Abo bishe bagomba kwenera ibyaha bakoze, bagasaba imbabazi abo biciye n'abanyarwanda twese kandi bagashyikirizwa ubucamanza.

Leta y'u Rwanda yoroherereje ibihano abazaba bemeye kwirega. Nibagire rero ubutwari bwo kwicuza, bemere ko bahemukiye u Rwanda n'abanyarwanda kandi ko batazongera ukundi kubera inyungu z'ubunwe, z'amaheho n'amaajyanbore y'igihugu cyacu kandi cyabo bari bahemukiye, bakagihokura kandi bakanagisenywa. Bagomba kurwira ko ibihano bazahabwa ntaho bihuriye n'ibikorwa bibi bakoze, ariko kubera umuco w'amaheho, buri wese ahanagariwe, nyuma y'intambara n'amarorerwa, kwihanganira umenzi we. Ibyo bihano bazabikorane umutima mwiza, umutima wicuza, umutima utazongere kugira ubugone ukundi. Burya ngo "ugira umuhana aba agira Inana".

Abacitse ku icumu, ababuze ababo n'abagiriye nabi muri ibyo bihe bibi, bahanagariwe gutanga imbabazi kuri abo bazaba bazisabanye umutima utaryanye. Ni ibintu bikomeye kubabarira umuntu waguhekuye, wakwiciye ababyeyi, abavandimwe n'inshuti cyangwa waguhoteye, ariko birashoboka kandi na ngombwa kugira ngo urwikekwe rushire mu mitima ihagaze y'abo bavandimwe bazaba basabye imbabazi kandi koko bazikeneye. Ibikorwa byo kwihorera no kwitura inabi uwayilugiriye ntibigomba kurangwa mu "Rwanda rushya" dushaka kubaka, ahubwo tugomba gukomura mu nahoro amakinbirane kuko turi abavandimwe, bene kanyarwanda. icyo umuntu akoreye umenzi we kibi akurwa ko ahemukiye umuvandimwe naze byose tukajya tubikora mu bwumvikane no mu bwisanzure, nta mbogamizi, nta n'uwo tubanganiye. Ubiteshutseho tukamugarura mu nzira ibonye, byananiirana ubucamanza bugakora akazi kabwo, kandi inzego nyinshi zabwo zinaze gushyirwaho kugira ngo zirenganure abarengana kandi ziburamisha, zinahane abahukuwe u Rwanda, mu rwego rwo kunga abanyarwanda.

GUSHYIRAHU UBUCAMANZA BUTABERA.

Ubucamanza butezweho byinshi mu nzira yo kunga abanyarwanda. Mu Rwanda hari harogeye imvugo nbi ngo "nta kuri kutagira ifaranga". Ruswa n'ikimunyane biri mu bya mbere mu byoretse igihugu cyacu mu bibazo by'ingutu cyajandanyemo. Niyo mpamvu abacamanza bagomba gukurikiza amategeko aho kugendera ku marangamutima. Ubucamanza bagomba guca imanza zose z'itsenbabwoko n'itsenbatsenba butabonye kandi mu rukundo kuko "nta rukundo rudakurikiye n'ubutabera, nta n'ubutabera butabera icyo butajyanye n'urukundo". Abacamanza ntibagomba na rimwe gushyirwaho cyangwa kugira igitekerezo cyo guhora ahubwo bagomba gushyigikira mbere na mbere umuco w'amaheho bafasha abanyarwanda kwiyunga kandi bagaca burundu umuco wo kudahana wari umaze gushinga inzi muri iki gihugu.

Mu iburanishwa ry'inanza z'itsembabwoko n'itsembatsamba ni ngombwa ko umucamanza yajya akoresha "inyurabwenge" kuko ibihe tuvuyemo byari bikomeye, kandi ibyaha byakozwe ku buryo bunyuranye : Hari abateguye umugambi wo kwica, abahanagariraga abandi kwica, abatozaga bagatanga n'ingero zo kwica, n'abandi babishowemo kubera ubujiji. Ubutabera bugomba rero kwifashisha abaturage bese bafite icyo bazi ku rubanza ruburanishwa, nabo bakabyitabira batanga ibimenyetso bahagazeho ku mwicanyi cyangwa batanga ingingo zihanagura ibyaha ku mwere.

Amategako ahana agomba gukurikizwa, ntihaire uyirengagiza kandi n'inzeho zishinzwe kuyashyiraho zikayashyiraho zikurikije ibihe tuvuyemo n'uburyo dushaka kubakamo igihugu kirangwa n'ubutabera nyabwo. Kubera ko urukiko mpuzamahanga ku itsembabwoko n'itsembatsamba ryabereye mu Rwanda, rukorera mu Rwanda na Arusha muri Tanzaniya, ni byiza ko leta y'u Rwanda yakorohereza uburyo bwo kugera Arusha abagomba gutangaho abagabo cyangwa bagomba gutanga ibimenyetso.

Abacamanza bakwiye gukora uko bashoboye imirimo y'izo manza ikihuta, maze abakoze amarorerwa bagahanwa, abere bakavanwa mu buroko, bakagarura icyusa mu Rwanda rwabo n'abatsindiye indishyi z'akababaro bakazihabwa igihe kitararenka kuko bazikeneye kugira ngo bikenure kandi abenshi ntibagira aho bakinga umusaya. Ababa babeshyera abandi kugira ngo babatware umutungo wabo cyangwa ku zindi mpanvu bwite, nabo ubucamanza bukwiye kubakosora. Kutarobanura no kutagira icyo bwirengagiza nibyo bizatuma abanyarwanda twese tugirira ubucamanza icyizere maze tukazajya tubwiyambaza twizeye ko buzaturenganura.

URUHARE RWA "GUVERINOMA" Y'U RWANDA.

Uruhare rwa "Guverinoma" ni indasimburwa mu bwiye bw'abanyarwanda. "Guverinoma" ifite inshingano zo guca ubujiji no gukangurira abaturage "elitiki" y'ubumwe kuko byagaragaye ko hari abishoye mu bikorwa by'ubugizi bwa nabi kubera ubujiji. Guverinoma igomba gukoresha ingando cyangwa ibindi biterane byakwitwaga "amasangano y'abavandimwe" maze abahuriye muri izo ngando cyangwa ayo materanirwo bakigishwa amateka y'u Rwanda, bagasobanurirwa uruhare rw'ubumwe n'ubwiyunge mu kubaka u Rwanda, bakerekwa intandaro y'amabi yose twabonye kandi bakigishwa uburyo bwo kububatira amahoro n'ubumwe mu nzira iboneye.

Kwigisha abanyarwanda harimo kubashishikariza kujya mu ishuri, kububakira ayo mashuri no kubashakira ibikoresho nyabyo. Muri ayo mashuri buri wese yaba adahojwemo, abanyarwanda bajya bahabonera uburere, ubumenyi, ubwenge, bakanigishwa kubana kivanindwe.

Byaragaragaye ko abategutsi bo ku "ngoma" yateguye ubwicanyi mu Rwanda, bari baragize kanarande umuco wo kudahana. Umuntu yakora ikosa akarihanirwa cyangwa akarihabarirwa bitewe n'uwo ariwe cyangwa aho akomoka.

Kwikubira nabyo bari babyimiriye imbere ariho hakomotse ubutegetsi bw'akazu" n'"amakonti" ariho akayabo k'amafaranga y'abo banyakazu. Guverinoma y'ubumwe bw'abanyarwanda igomba kwirinda kugwa mu makosa nk'ayo, abategutsi aho kunyonyuza imitsi y'abaturage bagasabana nabo aho gusahurana. Birashimisha cyane nk'iyi umukuru w'igihugu cyangwa abandi bayobozi bashishikariza abaturarwanda kubakira abahakwe n'intabara kandi bakabaha n'urugero rwiza, "kora ndebe iruta vuga muve".

Guverinoma y'u Rwanda igomba gushyigikira iyubahirizwa ry'uburunganzira bw'ikiremwanuntu kugira ngo uwo ariwe wese adahohoterwa cyangwa akavutswa ubuzima bwe, azira ubwoko bwe cyangwa akarere akomokamo. Amoko kuko ariyo abanyarwanda benshi bakunze kuzira, Guverinoma ikwiye gukora ibishoboka byose kugira ngo inyito abanyarwanda baha ayo moko ihinduke maze uwitwaga "umuhutu, umututsi cyangwa umutwa" yunve ko igikuru ari uko ari umanyarwanda kandi nibyo kuko igihe azaba akeneye icunbi, yagize impanuka cyangwa ibindi byago azatabarwa n'uwo atakiye cyangwa umugezeho mbere bitagombye ko aba uwo bahuje ubwoko.

Ni inshingano za Guverinoma gukoresha inama z'umutekano no guhanagarira abanyarwanda bese kububakira uwo umutekano. Igihe umutekano uhungabanyeho hagakorwa ibishoboka byose ngo ugaruko vuba. Ni byiza cyane ko ingabo z'igihugu zafatanyaga n'abaturage muri icyo gikorwa.

Kubera ko urwego rw'ubutabera rufite uruhare runini mu bwiye bw'abanyarwanda, ni ngombwa ko Guverinoma ishishyiraho inzeho zose z'ubutabera. Mu kuzishyiraho ni ngombwa kubanza gushishoza kugira ngo iyo nyanya ijyemo "abagabo" koko babishoboye kandi bafite ubushake n'ubushobozi kugira ngo imibanire y'abanyarwanda itungane.

Ishyirwaho ry'itangazamakuru rya leta rigenewe gukangurira abanyarwanda no kumenyekanisha ibikorwa bya leta; ryatuma abanyarwanda bese banenye intego n'inshingano leta yihaye bakayifasha gushyiraho izo baba baribagiye z'ingenzi ndetse no kuzishyira mu bikorwa.

Abategetsi cyane cyane abo "hejuru" bagonba kujya bafata ibyemezo babanje kureba neza ko bizagira akanaro kandi ko ntawe bibanganiye. Mu kubishyira mu bikorwa, abo bategetsi nk'uko byavuzwe hejuru bagafata iya mbere kuko inama nziza ikurikiye n'urugero rubi ari nko kubwiziza uwo ugira inama gukora nabi.

Kubera ko itsenbabwoko n'itsenbatsenba ari ikintu kibi cyane cyabaye muri uru Rwanda rwacu kandi buri banyarwanda akaba afite inshingano idakuka yo gukora ibishoboka byose kugira ngo ritazongera kubaho ukundi mu gihugu cyacu, ni ngombwa ko leta ku ruhare rwayo yashyiraho "urwibutso" ku itsenbabwoko n'itsenbatsenba kugira ngo abana bazavuka ejo bajye balyerekwa kandi basobanurirwe ko byatewe n'ubutegetsi bubi bwabibaga imbuto y'amacakubiri mu banyarwanda. Bityo urwo rubyiruko ruzavuka ejo ruzashobora gufata ingamba zihanye hato rutazagwa "mu ruzi rurwita ikiziba".

URUHARE RW'INTEKO ISHINGA AMATEGEKO.

Inteko ishingana anategako igomba mbere na mbere gushyiraho anategako aboranye n'ibihwe abanyarwanda turimo kandi ikazirikana cyane ku byagirira akanaro ubumwe bw'abanyarwanda. Mu nshingana yose intumwa za rubanda ziga, zigomba gushyira hanwo zikurikana, zigahitamo inshingana ifitiye igihugu cyose akanaro kandi yihutirwa kurusha indi. Ni ukuvuza iharanira amahoro, amajyambere n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

Mu nshingano z'inteko ishingana anategako harimo no kuzenzura ibikorwa bya "Guverinoma" ndetse n'iby'ubucamanza. Igihe izo nzego ziteshutse ku nshingano zazo, inteko ishingana anategako igomba kuzikosora byaba ngombwa ikanazifatira ibyemezo bihanye. Inteko ishingana anategako igomba kuzurikana na "Guverinoma" maze inikorere uyiza y'izo nzego ikabera urugero izindi nzego zose z'ubutegetsi.

URUHARE RW'INGABO Z'IGIHUGU.

Kugira ngo ubwumvikane bw'abanyarwanda bugerweho kandi burambe ni ngombwa ko ingabo z'igihugu kinwe n'abandi banyarwanda, zitabira umuco w'amahoro. Ibyo kugira ngo bugerweho ni uko ingabo z'igihugu zaturuka mu banyarwanda bose no mu turere twose tw'igihugu, maze ingabo z'igihugu ntizibye iz'ubwoko, cyangwa iz'akarere ahubwo zibe iz'igihugu koko, zijye zirengera umutekano w'abaturarwanda bose.

Kuba ingabo y'igihugu, ntibigomba gufatwa nk'akazi kazana amafaranga ahubwo ni umurimo ukomeye umuntu yiyemeza gukora kugira ngo yitangire igihugu cyamubya-ye n'abavandimwe be. Ingabo rero ntizigomba kwivanga muri "politiki" ariko zigomba kwigishwa anateka kugira ngo hatazagira uzishora mu bibazo bye bwite yitwaje anateka afutanye.

Inama n'ibiganiro hagati y'abaturage n'ingabo z'igihugu zirakencwe kugira ngo abaturage batazitinye bityo abakibishisha bagashira ubwoba n'abasirikari bakagira icyusa maze bagakusanyiriza hanwe iby'ingirakamari. Birakwiye ko ingabo zakwirinda gutemberana imbunda cyangwa izindi n'waro mu gihe cy'umutekano. Inshingano y'ibanze y'ingabo z'igihugu ni ukubungabunga umutekano w'abaturage bose, igihe cyose, kandi zikanaragera ubusugire bw'igihugu cyose.

URUHARE RW'ITANGAZANAKURU.

Itangazanakuru ni umusenburo w'amahoro n'ipfundo ry'ubumwe. Muri uru Rwanda ryabaye icukiro ry'ibibi byose bitewe n'amatwara adahwitse y'abari barishinzwe kinwe n'abarikororagamo. Uvuye ku uburyo bwa mbere bwakoreshejwe mu gutandukanya abanyarwanda ari itangazanakuru ntiyaba abashye.

Itangazanakuru ry'ubu rigomba gushinangira ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda. Ryagombwe kuba umusenburo w'amajyambere. Abanyanakuru bagonba kwita ku bibazo by'abaturage mu nyandiko zabo za buri muni bakajya bahugura abaturage babigisha kubana neza, kwihangahirana, kudashyanirana no kubana mu mahoro; abaturage nabo bagonba guhabwa ijamba bakavuye ibyo bifuzwa.

Ibinyanakuru bifite uruhare runini mu kumenyekanisha isura nziza y'igihugu no guteza imbere urubano n'ubutegetsi n'ibihugu by'amahanga. Bigomba gushyigikira umuco w'igihugu no kugoragaza kuwushinangira.

Mu iterambere ry'igihugu, itangazanakuru rigomba gushishikariza abanyarwanda umurimo no gufashanya. Rikwiye guha umwanya abashakashatsi n'abandi bahanga ngo batangaze ibyo bavunbye. Itangazanakuru rero rikoreshejwe nabi ryatanga umuganda ugaragara mu bwumvikane bw'abo rikorerera ariko banyarwanda.

URUHARE RW'URUBYIRUKO.

Urubyiruko n'ubwo ruzira icyago rufite icyaha. Umubare munini w'urubyiruko washamburukiye gushyira mu bikorwa itsenbabwoko n'itsenbatsenba none rero ni ukwishikane turwane n'ingaruka zakurikiye aya mahano. Ikinigi urubyiruko rwatwe n'uburyo rwitwawe muri aya mahoro rwakwiye guhanagurwa maze rugafatanywe amaboko mu kuzahura u Rwanda. Urubyiruko rugomba kubanza gutekereza ntirububukire ibikorwa byose barushoboye.

Ni ngombwa gutanga amaboko by'uwihariko mu kubakira abashyigoshwa n'intanbara kinwe n'abandi bese batishoboye rugira icyo rubanarira.

Urubwiruko rw'u Rwanda rugomba kunga ubumwe rugaca ivangura ryaba irishingiye ku moko cyangwa ku turere, rukajya rukurira mu manama y'abanyeshuri, mu nashyirahamwe aharanira ubumvikane, ubusabane n'arajyambere y'u Rwanda; rugomba kwirinda ikintu cyose cyaba intandaro yo kwitandukanya.

Urubwiruko rugomba kugira uruhare mu butegetsi kuko byagaragaye ko imitwari y'ibibazo birenereye aribo iturwa ku rutwe.

Ababyeyi bakabibafashamo babaha uburere bwiza buberoye umunyarwanda wo mu "Rwanda rushya" ariko kandi bakamenya ko bitabashya icyubahirira na busa iyo baraga abana babo ibibazo babereye ba "nyirabayasana" batashoboye no gusubiza.

Urubwiruko rukwiye kurushaho kugira igihugu cyiza aho gutegereza kuzatangira ejo kuko burya ngo "amavuta y'umugabo ni amuraye ku mbiri" bityo rukaba u Rwanda rwa none aho kuba u Rwanda rw'ejo.

URUHARE RW'AMADINI.

Amadini agomba gufasha abanyarwanda kwicuza no kubabarirana bafatiye ku nkuru nziza ayo madini yigisha; abanyamadini bakabiba mu mitima y'abayoboko babo imbuta y'anaoro, y'ubutabera, y'ubusabane n'iy'ubusabanirana.

Bagomba gutanga abanyarwanda kwemera Inama yo soko y'ibyiza, itihanganira akarengane. Abayoboko b'amadini yose bakigisha ko nyuma y'ubuzima tubano ku isi, abazaba baraharariye anaoro, ubumwe n'ubutabera Inama izababwira inghuro ijana ibyo bakoze.

Naho abazaba bararonganye ibarenganure kandi ihano abantu bese bafite umutima uticuza, abagome n'abandi bagira nabi.

Kugira ngo inyigisho y'abanyamadini igire irene ni uko ubwabo babanza kwisuzuma bakajya bigisha ibyo bemera, bagatanga ingero nziza, bakirinda guharanira inyungu zabo bwite no kwivanga mu bibazo bya "politiki". Abanyamadini bagomba gutinyuka bakamagana kandi bakagira inama abategetsi cyangwa undi wese wakiniye guhungabanya uburenganzira bw'ikiremwanuntu. Bagomba kuba abashumba nyabo bakemura amitungo yabo, bagashimishwa n'uko ashishye kandi igihe cyose bagahora biteguye kuyarwanaho imbere y'ibirura.

GUTEZA IMBERE UBUREZI.

Barezi namwe, burya ngo "uwo nyirinka avuguse niwo zinywa" muramutse mubishatse kandi mukabyitangira aho kurera ntibakongera korana mu mahano nk'ayabaye. Byagaragaye ko abarezi bagize akarusho mu gucengeza amatwara adahwitse mu rubwiruko. Abarezi b'ubu bakwiye guca umuco wo gutonesha namwe bitewe n'amasanira bafitanye, bitewe se n'ubwoko cyangwa akarere bakonokamo. Bakwiye guca ivangura iryo ariryo ryose mu bo bashinzwe. Abana bese bakwiye gufatwa kinwe kuko n'ubundi ngo "Uwana ni nk'undi".

Nk'uko amagara ataguranywe amagana n'amanota ntakaguranywe amanoti ! Ngo usange mu ishuri bagereka amanota boshye abagereka umufungo w'inyanya ku isoko.

Kinwe na kera, buri mubyeyi afite inshingano zo kurera, atari abana bo gusa, alubwo agakosora kandi akanahana buri mwana wese atarahamuka. Buri murezi wese namenyeye ko amuzera ye n'ay'igihugu cye biri mu uwo aragijwe, nagerageze kumwongerera ubumuntu, amutoze urukundo, kugira imbabazi, kuvikana no gusabana n'abandi ndetse no gukorana ibakwe mu byo ashinzwe byose, bityo u Rwanda rusubirane isura idasebya biturutse ku rubwiruko.

KUZAHURA UBUKUNGU.

Mu bibazo byose by'ingutu byibasiye u Rwanda, hatayeho icy'ubukungu bwifashe nabi naze ibintu birushaho kudogera.

Ibyo byashoye namwe mu bwicanyi kugira ngo bigarurire ibyo abo bicaga bari batunze. Buri umunyarwanda agomba kugira umurimo akora, akawishimira bityo akaba ariwo umweshya agaciro. Muri iki gihe tugezemo ntihakenerwe inkorabusa, namwe bazinduka biyicariye barya kandi batinjiza, ngo batogereje ko indogo zibazanira. Abo bese bamenye ko "isuka y'intirano ntawe itiza umubyizi" kandi ko bibabaje kubona amaboko yagombwe kuzamura u Rwanda ariyo arurya initsi.

Ngo "umwirabura yicwa n'inzara ari muni y'igiti cy'umwembe" kandi koko urebye mu Rwanda dufite ibintu byinshi byazamura ubukungu ariko ugashyamba twirahagaraho, ntacyo twitayeho.

Ubukungu bwacu bushingiye mbere na mbere ku mutungo kamere w'ashyamba awo ndotse arimo inyamaswa zitaboneka ahandi ku isi aho twavuye nk'ingagi, bugashyamba kandi ku butaka no ku nazi. Buri wese afiteho uburenganzira kandi agahamagarirwa gushaka buri gihe icyatuma bibazwa umusaruro uhajije.

Abanyabukorikori n'abandi banyamyuga bagomba gushyigikirwa kandi bagaterwa inkunga kugira ngo ibikorera ino mu Rwanda bihabwe agaciro n'abanyarwanda boye gukomeza guhendwa n'ibituruka mu mahanga.

Umucuruzi cyangwa umuhinzi batungwa n'umugaruro w'umwuga wabo, n'umubizi wa leta agomba guhabwa igihembo kimukwiriye kandi akakibonera igihe kugira ngo yumve ko atavunikira ubusa. Ngo "abari inzara ntihabura inzangano" niyo mpamvu abanyarwanda bagomba gushishikarira guhinga no korora kugira ngo babone ibibatunga byuzuye kandi bihagije. Bagomba gufashanya muri ibyo bikorwa byo kwiteza imbere, bagahana imibyizi kandi uwaru- mbiye bakamuha ibimutunga igihe atarishumbusha.

Ubukungu nibutera imbere, amajyambere agasakara, abanyarwanda ntibazongera gutegereza ukundi amaboko amahanga. Ntawe uzongera gushukishwa amafaranga y' "intica ntikize" ngo ahemukire umuvandimwe, nta munyamahanga uzongera kudukandamiza yitwaje ko ngo aduha imfashanyo, bityo ibihugu byose bizajya byubaha abanyarwanda kuko bagize ubutwari bwo gushyira hamwe ingufu zabo bagateza imbere igihugu cyababyaye.

Banyarwanda twese nidukangukire inzira y'ubwiyunge kuko ariyo yonyine izatuma dushobora kwiyubakira igihugu mu mahoro. Nuri munyarwanda yumve ko ibibazo by' u Rwanda ariwe bireba mbere na mbere bitwo twese bene Banyarwanda dufatane urunana tururwanirire, turwubake kandi duharanire ubusugire n'isura nziza y'igihugu cyacu. Abanyarwanda twivugira ko "ababiri bunze ubumwe baruta umunani urasana". Ubumwe si ikindi ni ukubabarirana kw'abahemukiranye, ni ugusabana kw'abasaburanye, ni ugubana abakosheje ni no kubana kw'abahungana. Umwiryane nujyane n'ibvabaye, ubwizerane bwagukane urugwiro, ubugome bujyane n'urugomo, tubitwikane n'isakamburiro ry'ivanyura irwo ari ryo rwose, dushyire hamwe twese turwanye icyadusubiza ahaga. Ibyo byose nitubigeraho ubumwe bw'abanyarwanda, ubumwe bwacu, tuzaba tubagezeho maze twiyubakire kandi tubakire abazavuka ejo, u Rwanda ruganjemo uburinganire, ubutabera, ubwisanzure, amahoro n'umutekano.

URWUNGE RW'AMASHURI I BUTARE
UMWAKA WA KANE IBINYABUZIMA
IRUSHANWA RYO KUVUGA NEZA
=====
ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA
BONGERE BABANE NEZA
UMWANDITSI : NDAYISABA VEDASTE
Kuwa 25 NYAKANGA 1997

16

O. INTANGIRIRO

Nyuma y'amarorerwa yabaye mu Rwanda, hakaba itsembatsembe n'itsembe bwoko, abantu benshi batanga ibitekerezo byabo ku cyakorwa kugirango abanyarwanda bongere babane neza. Mbere yuko tuvuga ibyakorwa kugirango uwo mubano ugaruke, tugomba kubanza gusubiza amaso inyuma tukibukiranya ibyabaye gato, bityo tukabona aho duhera tuvuga ibyakorwa. Iyo tuzi, amahano yakozwe n'abo bita abanyarwanda, bayakorerwa abanyarwanda, akorerwa mu Rwanda. Muri make abo bireba ni abanyarwanda. Barishe, barasahura, baratwika, ibyo byose babikorera igihugu cyabo, babikorera bagenzi babo b'abanyarwanda. Abo urumva ari abanyarwanda buzuye? Ntitwakwiyibagiza ko habayeho abanyarwanda nyabo kandi bakundaga igihugu cyabo; bafite umubano, urukundo, batarya imitsi ya bagenzi babo basangiye ivuko. Ntitwakwiyibagiza ko ubu dufite abanyarwanda Tutsi, Hutu na Twa, arinabo banasenyeye igihugu kikaba kigeze aho tukibona ubu. Umubano w'abanyarwanda ntabwo ari mwiza; ubibona ko ari mwiza nawe ari mu bagomba kwitabwaho kuko nta mubano waba uhari abantu bahora ku nkeke, abandi nabo bapfa bazira abo bava inda imwe. Uwo mubano wajemo igitotsi, ariko abantu ntabwo babona kimwe icyo gitotsi, ni nayo mpamvu batabonakimwe uburyo cyavanwamo. Ariko icyo mbona ni uko abanyarwanda baba abategetsu, abaturage, buri muntu mu rwego rwe aribo bireba ahanini. Ni ukuvuga ko icyo tuvuye umunyarwanda, tugomba kumva utari Tutsi, Twa, Hutu; tugomba kumenya ko ubumwe, umuco ahanini aribyo bizatwerekana ko turi abanyarwanda. Muri uwo muco harimo n'uwamahoro hagati yacu.

Mu banyarwanda ni bande bakeneye kwiyunga? Ni bande bagomba kwitanga cyane kugira ubwiyunge tube? Aha hagomba ubwitange bwa buri munyarwanda; mu rwego arimo bityo akitangira igihugu cye.

Igihugu ni abaturage, ni ukuvuga ko u Rwanda ari abanyarwanda. Jyewe mbona uko inzego zitandukanye mu Rwanda ari nako inshingano zigomba gutandukana; ariko ahanini inyinshi zirasa. Ntabwo ko no muri buri rwego naho zigiye zitandukana hakurikijwe uruherekane rw'inzego nto zirugize. Mu Rwanda rero hari inzego eshatu; izo nzego zitandukanya inshingano zazo mu mibaniremishya y'abanyarwanda bahindutse umunyarwanda Tutsi, Hutu na Twa. Izo nzego ni ubutegetsu, ubutabera n'abaturage (ahanini ni narwo rwego runini rubumbye nyinshi kandi zikenewe). Ubutegetsu bukaba ari uguhera k'ubw'imirenge, uturere no murwego rw'igihugu. Abaturage dusangamo; abakozi baciriritse, urubwiruko n'abanyeshuri. Tukaba tugiye kurebera hamwe buri rwego inshingano zarwo n'ibirureba.

I. UBUTEGETSI

Ubutegetsu ni umutwe w'abanyarwanda, niho ahanini abantu baba bahanze amaso, niho hagomba gutekereza icyagirira Abanyarwanda akamaro. Ubutegetsu twabonye ko burimo inzego nyinshi ariko zose zigomba guhuriza hamwe kuri ibi bikurikira jye mbona ko byaba inshingano kugirango abaturage babo babane neza:

1) INYIGISHO NYINSHI

Ubutegetsu bugomba gutegura inyigisho nyinshi. Izo nyigisho zigomba guhera mu bategetsu (kugirango ababa bayobya abaturage nabo bamenye), nyuma hagakurikiraho abaturage, hagakurikiraho gahunda nkiyo mu mashuri (ayisumbuye n'amato).

IBIGOMBA KWIBANDWAHO

a) Hagomba kwigishwa uburyo umunyarwanda wa kera yari abanye na mugenzi we, ibyamurangaga kugirango abe umunyarwanda utari nk'abubu.

Aha niho hakwigishwa umuco wo kubana neza n'abandi dushingiye ku bakurambere bacu.

- b) Hagomba kwerekana mu by'ukuri ko ubu nta umunyarwanda uriho, ahubwo ko hariho umunyarwanda TUTSI, TWA na HUTU, NDUCA na KIGA. Aha niho hakwerekanywamo ingaruka zo kutumvikana ku bwene gihugu bwanyu.
- c) Hagomba gusobanurwa igihugu icyo ari cyo n'uburyo wa gikorera kuko abenshi batabizi. Bakabwirwako u Rwanda ari Abanyarwanda atari imisozi cyangwa amashyamba, ko rero atari byo bigomba gukundwa.
- d) Hagomba kwigishwa agaciro k'umuntu muri rusange, ni ukuvuga ko bagomba kwigisha uburenganzira bw'umuntu.

2) GUTANGIRA IGIKORWA CYOKWIGISHA ABANTU BAKUZE

Abantu bakuze nibwo tugenderaho ubu mu bitekerezo, kandi ibitekerezo byabo bimwe aho bitugejeje twese twarahabonye; niyo mpamvu hagomba kubanzwa abo bantu kwigishwa inyigisho twavuze haruguru. Nibatabanzwa kwigishwa, hashobora kuba ingorane iye mbona ko atari nziza.

a) Ubwumvikane buke n'abana babo

Iyo abana babanje kwiga, iyo batashye bagarageza kwigisha ababyeyi babo, iyo ababyeyi basanze bidahuye n'ibyo bo batekereza (bumva) ko ari ukuri, bituma bavuga ngo abana bishe umuco. Bityo ugasanga umubyeyi avuga ngo abana barananiranye.

b) Kuvuga ngo tubifate uko biri

Iyo batabyisobanuriwe, ukabasobanurira bavuga ngo; tubifate uko biri ni ibutwawe bivuye. Bigatuma bagumana wa muco wabo wo kwangana bavana ku kantu gato batasobanuriwe. Kandi ntabwo aba abiyemeye cyangwa ngo abihakane, ahubwo aba yikiriye.

Ibi bikaba bya korerwa mu makoraniro amara igihe (ingando), mu manama y'abaturage, mu mirengi, mu mahugurwa no mu mashuri. Ikindi hagomba gukoreshwa ingando zihuza abaturage b'uduce tunyuranye, bagahura imico kandi nabo bakahamenyeranira bityo bagasabana.

Abategetsi bo munzega zo hasi bagomba guhugurwa byihutirwa kugirango babe abambere gucengeza amahoro mashya yo kuba umunyarwanda umwe.

3) KWIRINDA GUSAHURA

Abategetsi bagomba kumva ko ari Abanyarwanda kandi bakoreye abanyarwanda. Bagomba gukora neza kugira ngo bashake icyateza umunyarwanda imbere. Nibatangira barya abavandimwe babo (babasahura), ubwo hazaba hari n'abandi bazaba basahurira. Ni ukuvuga ko hazaba umunyarwanda usahurirwa n'usahurwa kandi ngo bagomba guhuzwa n'usahura. Ngaho ahazaturuka nanone andi macakubiri avuye kunda (kugusahura) ugiriye umvandimwe wawe. Ntabwo ibitekerezo bizaba bigihuye ngo mugire umubano mwiza hagati yanyu. Ninaho haturuka kumva ngo umuyobozi uyu n'uyu bamwishe.

4) HAGOMBA GUKORESHWA UKURI

Abategetsi bo mu nzego zose bagomba gukoresha ukuri kugirango n'umugambi w'ubwiyunge uho ukuri kandi mu kuri. Bagomba kwirinda gusumbanya abantu; ku bibazo abantu benshi bahuriyeho kandi bese bibababaje. Urwego uru n'uru rugomba gukoresha ukuri. rutitwaje uburemere bwa rwo cyangwa ubworohere bwawo.

Bagomba kubwiza abanyarwanda ukuri mu bibazo igihugu cyabo gifite; kuko nihataba ukuri, hakaza ibyo byo gusumbanya abantu, bizatuma umunyarwanda yumva ko hari aho ahojwe cyangwa ko hari ibibazo bitamureba agomba kwima amatwi.

- Kwirinda kubogamira ku karere aka n'aka

- Kuvugisha ukuri kubibazo byose ndetse n'umubano hagati y'abategetsi n'abaturage.

5. GUSURA ABATURAGE

Abategetsi bagomba gusura abaturage mu byaro aho batuye, ubwabo bagatanga ibitekerezo n'ingorane zabo, bakanabwirwa ndetse bakanabwirwa, uko bo babona urubano wabo. Rimwe na rimwe usanga abategetsi bo hasi abenshi ari abanyarwanda Tutsi, Hutu cyangwa Twa, bituma bigisha ibyo bazi.

Mugusura abaturage niho abategetsi bumvira ibitekerezo by'abaturage ku nyubakire y'igihugu cyabo kandi, bakurwa ko bose ntawuhejwe ku gihugu cyabo kandi ari nabo barebwa mu kugiteza imbere.

6. UBWITANGE N'UBWUBAHANE

Ubu hagomba ubwitange bw'abategetsi muri iki gihe turimo cyo gushakira abanyarwanda ubwiyunge. Ubwitange butigisha amacakubiri ahubwo bwubaka kandi bubanisha.

Abategetsi bagomba kubaha abaturage. Ntabwo hazaba umubano mushya (ubwiyunge) hagati y'abanyarwanda hatariho ubwubahane hagati y'abayobozi n'abayoborwa. Hagomba kubahana kuko iyo bitabaye n'intege wiyemeje ntigerwaho kandi bigatuma nawe wishakira abayoboze. Abategetsi ni bo bagomba gutangira kuko ahanini bigaragara ko basuzugura abaturage bityo ntibababwire ibibazo byabo kubera gusuzugurana.

II. AMADINI

Ku rwego rw'ubutegetsi ntitwa kwibagirwa n'ubutegetsi bw'amadini nabwo bagomba kugira inshingano zokubanisha abaturage. Amadini ni nayo afite inzego mu baturage kandi ni naho bakunda kwegerana (guhura cyane) kandi bagahura n'ibyiciro byose by'abaturage. Ibyo mbona bagomba gukora:

1. Kwigisha urukundo

Muri ibi bihe haravugwa amadini, bavugaga ngo abanyamadini barishe, ngo amadini ntiyumvikana. ukubera wa mubano (urukundo) mucye uri mu bantu. Ni ukuvuga ko urwo rukundo rutagomba kuba mu bantu gusa, ahubwo bagomba kurwerekana hagati yabo n'abo bayobora, cyane cyane mumirimo y'urukundo. Amadini agomba kunga ubumwe (kugirana urukundo hagati yayo) kuko ubu nayo arwanyana, kandi ari abaturage bagwano. Aha bagomba gusura cyane cyane abaturage kandi batarobanura uri mu'idini yabo. Bagomba gukangurira abaturage Imana kuko ari urukundo.

2. GUKOresha (KUVUGISHA) UKURI

Bagomba kuvugisha ukuri kandi bakerekana mu kuri ibibazo n'imibereho y'abaturage bashinzwe. Muri uko gukoresha ukuri niho hazamo kutabogama mu mishinga amadini aba yateguriye abaturage; nko gutanga imfashanyo. Ubu umurimo wabo ari ukwigisha urukundo nizere ko bitazaruhanya.

3. KWIRINDA KUBOGAMA

Nyuma y'ibi tumaze kuvuga, hariyongeraho kutabogama kw'amadini.

- Bagomba gutanga abakoze ibyaha bose (itsemba bwoko n'itsembatsemba), amategako akabahana, batavuzwe ngo simutanga ngo ari mu'idini yanjye ngomba kumuhisha, ngo ni umuyoboze wanjye. Aho niho abanyarwanda bazerekanyira ubwitange mu gushakira ubwiyunge.
- Ataturage nabo bagomba kureba ukuri kw'Imana batagiyemo ngo ni uko Umuyobozi w'itorero ari uwibwo. Muri make ubutegetsi bwose bugomba gushyira hamwe. Ubutegetsi bugomba kutivanga mu by'ubutabera cyane cyane mu mafuti.

.../...

III. UBUCAMAZA

Iyuma y'amazama yabaye mu Rwanda, dukomeye ubucumana nyabwo atari ubwo gufifika cyangwa guca ku kubanda. Iyi by'ingenzi harimo guca imanza neza, bityo uwakosheje agaburwa n'amategako ukwo abiteganywa. Umubano w'abanyarwanda usagaruka ari ukwo abanyabwaha babihaniye, ibyo bisakorwa n'abacumana kandi mu butabera. Ubutabera nibwo bonyine dutegerejeho amashuri mashya (ubwiyunge) hagati y'abanyarwanda. Ibyo mpamvu bagomba gukoresha ingufu ngo ubutabera buhoro.

A. KWIRINDA GUTERANYA ABATURAGE

Ubucumana nibwo bagomba gutururira abaturage aho kubateranya. Abacumana bagomba guca imanza ku buryo umuntu aturwa ko yabogamiye bikaba byatumye haba uburakari mu baturage bikaba byatara ingaruka mbi. Kugira ngo bagere kuri icyo ntego yo guca imanza mu macyi bagomba :

1. Kwirinda Kurya Ruswa

Ruswa ntabwo yagusa abantu bashinje n'abashinjwe ibyaha by'itsembatsembe cyangwa ibindi bihangabanya umuntu. icyo gihe abacumana baba babaye amafaranga kandi ariyo yaduteje ibi. Kwirinda kurya ruswa mu guca imanza nibwo bisatuma haba ubutabera budefitse.

2. Kwirinda Kubogama

Kwirinda kubogama kuri icyo ngo ni ukwo umuzi cyangwa witwaza bimwe twanga by'amoko. Kubogama, ukubogamiye nawe azatereza ko ibyo akora byose utacyo byamugashye kuko atarunganywe ukwo bikwiye. Uwo wazengere nawe azagenda atanga amakosa ye bitomeze gutyo.

3. GUKUNDA IGIHUGU

Kugirango ube umucumana ugomba kuba ukunda igihugu. Niba ukunda igihugu ukunda n'abagituye, kandi icyo ukunda abaturage igihugu cyawe nawe ushaka icyabagiriye akamara.

4. GUKUNYARWANDA AMATEGEKO

Ubucumana bagomba gukoresha amategako, umuntu agashyirwa n'amategako kuko ariho n'uwakoze icyaha nawe azajya yumva ko ahanwe ko yishye amategako. Ntibigaragara ko umunyarwanda ahanwe cyangwa ababariwe kubera ko hari ibindi byihishe inyuma y'urubanza rwe.

B. GUSHYIRWA GACACA

Gacaca izungu abanyarwanda, igomba gushyirwaho nk'urwego rwa mbere rw'ubucumana. Ahanini niyo iba ihuriye mu n'abantu benshi; baba abakoze ibyaha, abakomura mpaka ndetse n'abakorewe ibyaha. Niho honyine hakoresherewe ukuri kandi kugaragara kuko ahanini n'ababuranyishye nabo baba bazi imiterere y'icyaha n'uwakoze icyaha. Abaturage nibwo bonyine bagomba kwishyiriraho abagize urwego rw'ubucumana (gacaca). Aha rero niho umunyarwanda azerekanyirwa ukuri kwe ko gushyirwa kwiyunga na mugenzi we yemera cyangwa ababurira ibyaha byakozwe mu ruhame rw'abandi. Nuri make ubucumana bagomba gukoresha ubutabera kuko niho hantu hazaturuka ubwiyunge, nibakora bakoreye ku gitsure cyangwa uburiganywa. Aho niho bagomba ubwigeze bwose bw'ubucumana.

IV. ABATURAGE

Abaturage nibwo bagize ahanini inkongi ikomeye y'igihugu kandi ni nabo barebwa n'ibibazo biye byose. Sinavuye ko ariwo urwego rwa nyuma kuko hari n'urwo gisirikare rwo rushinzwe kurinda umutekano w'abaturage igihugu.

.../...

Ibi baturage harimo ibyiciro byinshi, ariko byose bihurira ku ntego zimwe cyangwa inshingano zimwe. Aha rero turashaka kuvuga inshingano zabo cyangwa ibibagomba ngo bongere babane neza. Izo ntego rero bagomba kwiba zikaba ari izi:

1. GUKUNDA IGIHUGU

Umuturage (umunyagihugu) agomba gukunda igihugu cyeye, kandi akamenya ko igihugu ari abantu atari imisozi n'imirima nk'uko babitekereje mu minsi ishize. Bagomba rero gushakira icyagiteza imbere aho kugisubiza inyuma. Ubu turashakira gutera imbere mu mahoro, ni yo mpamvu abaturage bagomba gukunda abandi nk'abavandimwe babo, ko ariko n'ubundi bikoraho bakagira ibibazo hagati yabo, nta muntu wo mu kindi gihugu urara mu mashyamba ahunga cyangwa arara mu matongo.

Uruburako rugomba gukunda igihugu kuko ariwo Rwanda rw'eye aho kurarikira kuba mu Bufaransa (France) ngo niho heza. Iyo ukunze igihugu cyawe ukiri muto bituma nacyo gitera imbere mu bukungu no mu mahoro.

2. KUWUGISHA AMAKUBIRI

Abanyarwanda bagomba kureka kwigisha abana babo za kanyarwanda Tutsi, Hutu na Twa bavuye ngo ni umuco. Umuco wica abantu, umuco utuma abantu bafungwa, umuco utera inzara n'ubupfakazi n'ubupfubye, uwo ni muco ki? Ahya nabo bagomba kubaza uko kubibigisha inyungu bizabaha. Nsanga ari icyo gutema, kwangiriza mugenzi wawe menya ko ari urugingo rw'igihugu cyawe wishe kandi ariwo uza siba icyo cyaho naba adahari.

3. KUBAHA ABAYOBOZI

Abayobozi b'inze zose bagomba kubaha. Kuko ariho hazaturuka ubumwe, abaturage ni bumvikana n'ubutegetsi bwabo. Ubwumvikane hagati y'abayobozi ni nabwo bumvikane mu bibazo byabo bireba igihugu. Ariko aha ntibivuye gufatanye mu bikorwa byo gusenyira igihugu cyangwa **kurya imitsi y'abandi**.

4. KUVUGISHA CYANGWA GUKORESHA URUKURI

Abaturage kugirango babane bagomba kuvugisha ukuri ku byobazi (amateka), ku bibazo byabo no kubyifuzo; bagira mu mizamukire y'igihugu. Bagomba ukuri kw'abaturage; kwerekana neza ibyo bakoze, mu mahano yabaye n'abababwiyeye ndetse n'ababigizemo uruhare rukomeye, no mu mihanirwe yabo.

- Abanyarwanda ni bemere ibyaha bakoze, bamenye ko ari bo bikozeho.
- Nibavugishe ukuri kubyo babonye cyangwa bakorewe nta guca ku ruhunde cyangwa kuvuye ngo urishyura.
- Nibareke guhakirizwa mu mafuti cyangwa guca intege ushaka ko ibintu bihinduka ngo arashakira inzira. Niba mubona abikorera mu mafuti ni mu mubwire kandi ni yanga asimbuze undi ubishoboye (umutegetsi).
- Kwirinda abababwira ngo bazabatera inkunga mu byo bagiyeye gukora kandi ari amafuti.
- Gufashanya hagati yabo nk'abaturage gihugu kimwe, aho niho hazagaragarira ko bashakira ubumwe nyabwo bitangaho urugero.
- Kwriteza imbere kuko ahanini abashakira abaturage cyangwa ubutegetsi bubashakira byitwaza kubafasha mu bukene bwanyu. Nibabwira kwriteza imbere ukubeshaho nta kugirango ubone guteza undi imbere, **ni naho umubano wabo uzatera imbere kuko bazakenerana mu milimo myinshi**. Abacuruzi n'abanyenganda bagomba gushora imari yabo, bakoresha ibitarano, amashyamba byerekeranye n'imibanire y'abanyarwanda aho kujya kuyubakisha igorofa i Eurupe (Europe). Bagomba no kwibuka ko mu byaro ariho nkingi ya byose (amahoro, amajyambere).

Abaturage bo hasi ntilagomba kuvako ari n'amatanga barugira barebana aho barokye, bamenye ko umubano wabwo dukomeye ariko abanyarwanda barokye bo bakaba bahagaliye ababanyaga bitwaje amashuri hagati yabo.

IBIRINDI

- Urugiriro rwagombwa kwitwaga ibihugu rugakomeye igihugu.
- Gutwaza umuco wacu aho gutwaza ibihugu byo hanze.
- Gutwaza igihugu aho kuvuye ngo ni ukwaza umuco wacu, ariko kuvuye bo muraba mutwe ahazwira aho mu ijuru ubutaha nibyikesheje.
- Kwirinda gusuzugura ababakuriye, kutubaha, kuko ni bo bava amashuri avuye ngo anyungira iki? Cyangwa ngo kiriya ndacyanga.
- Kwirinda kwirukira iby'utakomeye kuko ariko bakaba barugirira umuco wa gashuri amashuri.

UMUNYURO

Twaze kubera hamwe ibikenewe cyangwa ibigombwa kuri uwu muri mu gihugu (UBWIGETSI, UBUMANA, AMATURAGE) muvuye umubano wabwo ugashyirwa mu kazi ku Rwanda.

Kugira ngo bishoboke bagombwa ubwumvikane hagati y'ibirego twavuye, ubwumvikane butamurisha abanyarwanda, ariko ubwo kwibwira hamwe. Ibirego byaturuka kwibwira undi umuntu.

- bagombwa kuba ubwumvikane kuko ntabwo ubwumvikane butagira gushyirwa hamwe mu bibazo byose.

- Gutwaza igihugu, kuburyo buri umuntu yavuye ahanze undi umuntu amashuri. Nanyuma ubwumvikane cyane cyane mu rubyiruko n'abantu bakomeye (abaturage n'abanyarwanda).

- Abanyamahanga bagombwa kutwaza cyane mu bibazo byo ku Rwanda; ibirego byo kwibwira abanyarwanda, kuko abanyarwanda babatanyije. Ibyo twagombwa kubwira mu kazi nta gushyirwa. Ibyo twagombwa kubwira, nibwo twabwo twabwira undi umuntu aho mu gihe cy'abanyarwanda TUBI, TWA, MURU.

Igute uko abanyarwanda bagombwa kubwira n'ibyo bakomeye twagira ngo twabwira babwo neza mu mahoro n'abashuri babo.

Igite ibikorwa byose byo kwibwira abanyarwanda.

17 5

**ICYAKORWA KUGIRANGO
ABANYARWANDA BONGERE
BABANE NEZA**

NGARAMBE Jérôme

**ECOLE TECHNIQUE
OFFICIELLE DE KIBUYE**

4^{ème} ANNEE

MECANIQUE AUTOMOBILE

1

ICYAKORWA KUGIRANGO ABANYARWANDA
BONGERE BABANE NEZA

Nyuma y'amarorerwa y'itsembabwoko n'itsembatsemba yabaye mu Rwanda, byagaragaye ko ari politike mbi yaranze iki gihugu cyacu yabiteye, none ubu tugeze mu gihe cyo kureba noneho icyakorwa ku rwego rw'ubucamanza, urw'ubutegetsi no ku rwego rw'umuturage, kugirango abanyarwanda bongere babane neza nyuma yayo marorerwa. Mu by'ukuri, iyo umuntu arebye kure asanga ibyabaye mu Rwanda birenze ukwemera; ku ruhande rw'abacitse ku icumu usanga byarabasigiye intimba itazabava ku mutima, ku rundi ruhande, usanga byarabasigiye icyasha cy'ubugizi bwa nabi aho bari hose.

Ku ruhande rw'ubucamanza, bwari bukwiye kureba koko abahamwa n'icyaha cy'ubwicanyi bakabahana by'intangarugero, kugira ngo hatazagira n'umunyarwanda uzongera gutekereza kuba yakwica undi. Aho ndavuga abari mu rwego rwa ruharwa. Ibyo byo guhana abo mu rwego rwa ruharwa by'intangarugero, ni ukugirango ubwiyunge bugaruke, umunyarwanda yumve ko arenganurwa. Ubucamanza bwari bukwiye nyuma yo kuburanisha, bumaze kubona ko ushinjwa ibyaha aregwa bimuhama bukurikije igihano bwamuhaye, nk'uhamwa n'icyaha gihanishwa igihano cy'urupfu yajya ahanirwa imbere y'abanyarwanda bose kugirango abere abandi urugero, hatwo n'uwari ufite umutima w'ubunyamaswa umuvemo maze atangire ayoboke inzira y'ukuri, y'umubano mwiza n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

Mu bucamanza, abacamanza bagomba guha uburenganzira busesuye uburana, n'ubwo bwose yazanamo amananiza; bagomba ku mureka maze bagakurikiza amategeko agenga iburanishwa, kugirango abanyarwanda bumve neza uburenganzira uburana afite imbere y'ubucamanza, maze na natsindwa nibyo aregwa, umunyarwanda yumve ko n'ubwo bwose atsinzwe ariko yahawe uburenganzira bwe imbere y'ubucamanza. Ubucamanza mbere yo gutumira uburana, bugomba kubimumenyeshya mbere y'igihe cyo kuburana kugirango ategure urubanza rwe neza, nibinashoboka ashake umuburanira. Bityo ibyo bizagira uruhare runini mu mibanire myiza y'abanyarwanda, kuko buri wese azumva arenganuwe n'ubucamanza, maze umutima mubi n'ingingimira bikamuvamo.

Ku birebana n'abari munzego zisigaye, ubwo ni nko kuvuga abafite uruhare mu byabaye mu Rwanda, nk'ababa barasahuye n'abakoze ibindi byose byerekeye ku byabaye mu Rwanda, nyuma y'ishinjwa ryabo ubucamanza bugomba kubashyira imbere y'ubutabera, maze bukabacira imanza bukurikije inzego barimo. Ibizaranga imibanire myiza y'abanyarwanda, nuko nyuma y'iburanisha abamaze gutsindwa n'ibyo baregwa, bagomba gusabwa n'ubucamanza indishyi n'impozamarira zabo bahemukiye, kugirango nuwo yahemukiye agire umutima wo kumva ko ubucamanza bwagize uruhare runini mu kumurenganura. Ubwo bwiye buzagumya gukomeza neza ari uko nyuma y'ibyo abakoze ibyaha bijyanye n'itsembabwoko basabye imbabazi abo babigiriye. Bigaragara ko ubucamanza buzagira uruhare runini mu bwiyunge n'imibanire myiza y'abanyarwanda, kuko aribwo bwonyine bufite uburenganzira n'ububasha bwo kuba bwacira imanza abagize uruhare mu marorerwa y'itsembabwoko n'itsembatsemba yabaye mu Rwanda. Ku bw'ibyo, bugomba kuba koko bufite inshingano nyazo zo kurenganura abantu nta kwegamira ku ruhande uru n'uru, bityo umunyarwanda aho ari hose aje yishyira yizane, aziko naramuka ahohotewe azaba afite koko ubucamanza buzamurenganura. Nyuma yo gushinjwa, ubucamanza bugomba kureba neza bukurikije inshingano zabwo, niba koko uregwa yaba atarengana.

Kubera ko abahekuye u Rwanda abenshi bari hanze, batari mu gihugu hagati, nababashijwe gufatwa bagashyikirizwa urukiko mpuzamahanga, ubucamanza nk'uko abanyarwanda babwizeye, bugomba gukora ibishoboka byose mu kwihutisha imanza z'abazaburanira mu rukiko mpuzamahanga rwa ARUSHA, kugirango n'umunyarwanda wari ufite ingingimira kubera ko yumva imanza zitihutishwa, zishire maze ubwiye n'imibanire myiza y'abanyarwanda ikomeze itere imbere.

Ku ruhande rw'ubutegetsi muri rusange, uruhare bwagira kugira ngo abanyarwanda bongere babane neza, ni uko buri mutegetsi agomba kumva ibibazo bya buri muturage ntacyo ashingiyeho. Ni ukuvuga ko atagomba gushingira ku bwoko, akarere cyangwa igitsina. Abanyarwanda bagafatwa bose kimwe imbere y'amategeko. Ni muri urwo rwego rero buri mutegetsi akwiye gukangurira abo ayobora, umubano mwiza n'ubwiye nyuma y'amarorerwa y'itsembabwoko yabaye mu Rwanda.

Abategetsi bagomba kwigisha kenshi ubwiye mu banyarwanda b'ingeri zose, kuko n'umurenzaho wera ibijumba. Noneho buri munyarwanda akumva ko ntawiremye, ntawavutse aho ashaka, bityo bigatera kumva ko buri muntu wese ari nk'undi. Umutegetsi uwo ariwe wese mu rwego arimo

akumva ko atagomba gushyigikira ikibi nko guhishira umugizi wa nabi uwo ariwe wese kuko wenda amuzi. Umutegetsu uwo ariwe wese mu rwego arimo ,agomba kwirinda ibyamuta mu bishukò bya ruswa, kuko akenshi arizo nzira mbi zihangura uwanze guhànguka, maze zikamukoresha ibibi.

Tutirengagije, tuzi neza ko ubutegetsu bubi, aribwo bwatworetse mu marorerwa y'itsembabwoko n'itsembatsemba yabaye mu gihugu cyacu ; bitewe n'inda mbi, ukwikunda no gukandamiza bamwe na bamwe bazira uko baremye cyangwa aho baba. Abategetsu b'u Rwanda rushya bagomba gusobanurira abaturage ko ibyo byose byaranze ubutegetsu bubi bwa kera, babihagurukiye bitazongera kubaho, ko inda nini bayimye amayira, ko kwikunda byavuyemo no gukunda abandi, ko gukandamiza byavuyemo gutonesha bese bityo buri mu nyarwanda wese yumve ko bumufatiye runini, kandi ko yishyira akizana.

Mu gukangurira abanyarwanda imibanire myiza n'ubwiyunge, abategetsu bagomba no kubakangurira guharanira icyabateza imbere kandi kigateza imbere n'igihugu cy'ababyaye aricyo cyabo, bizeyeho ubucya n'ubugumya kwira. Ibyo umunyarwanda akabikora ntagutinya inkubi z'umuyaga zihungabanya ubuzima bwa buri wese. Umunyarwanda akumvishwa ko ari igihugu cye kandi cy'amahoro ubwiyunge n'ubumwe bw'abanyarwanda, kandi ko batahiriza umugozi umwe. Maze mu rwego rw'ubutegetsu, ushinzwe amazi akayageza ku baturage nta kurobanura, ushinzwe imibereho myiza y'abaturage akabaha bese kubaho neza, ushinzwe ubuzima bw'abaturage, akabavura ntacyo ashingiyeho.

Abategetsu bakuru bese b'igihugu cyacu bagasura kenshi abaturage babashimangiriza inyungu z'umubano mwiza wabo, kuko tuzi ko ari ubutegetsu bukorera abaturage kandi bw'abaturage. Kugira ngo habeho umubano mwiza w'abanyarwanda usesuye, guverinoma igomba gukemura ibibazo byose byerekeye impunzi, kuko ntawakwiyunga n'uwo atabona kandi ko ubwiyunge butashoboka hakiri bamwe bazi ko ababo baheze ishyamba. Abategetsu bakwiye kugumya guha abahungutse inyigisho ni ukuvuga amahugurwa, bagumya kubasobanurira inshingano n'amahame y'igihugu cyacu kuko usanga bamwe na bamwe nta mutima w'abantu baragarura. Ubutegetsu bugomba kumvisha abantu biciwe ko batagomba kwihorera cyangwa kwishingikiriza undi muntu runaka ngo abe yahohotera undi amufungisha adafite icyo azira. Kumvisha buri muturage ko igihugu gifite ubutegetsu bukorera, babumvisha ko batagomba guhora, ahubwo ko niba hari uwakwiciye, ugomba ku bimenyeshya ubutegetsu bukamushyikiriza

ubucamanza. Abategetsi bagomba gukangurira abaturage kwicungira umutekano kuko aribo uturukaho nta rwikekwe cyangwa ubusigané. Kugirango abanyarwanda bumve ko bari barapfuye ubusa, bashake kugarura umubano mwiza, abategetsi bagomba gukora kuburyo nibura buri munyarwanda amenya politiki y'igihugu cyacu. Babasobanurira aho amacakubiri yavuye n'icyayateye. Abategetsi bagomba kumvisha abanyarwanda neza ko kugirango amacakubiri abe ariyo yatugejeje kuri iki cyago cy'itsembabwoko n'itsembatsemba, atari umunyarwanda wayateye ku ruhare rwe, ahubwo ko ari umuzungu wayazanye. Mu byukuri abategetsi bagomba kubasobanurira ko umuzungu ataraza mu Rwanda bahahirana bagahana inka, bagashyingirana, mbega ko hagati yabo habonekaga umubano uhamye, uzira amakemwa mbere y'umwaduko w'abazungu. Abategetsi bakabumvisha ko aho umuzungu aziye, yasanze abanyarwanda bashyize hamwe, abonye ko ntaho yabamenera ngo abatandukanye, aribwo yize umutwe wo kwiyegereza abari batunze inka nyinshi, arabatonesha ari nabwo yabitaga « abatutsi », abasigaye bafite ubutunzi bucye abita « abahutu ». Ubutegetsi bukumvisha abanyarwanda ko kubera gutonesha babandi yise abatutsi, byatumye agumya kubashuka abumvisha ko bari hejuru y'abahutu, maze arongera abaca inyuma yegera ba bahutu abumvisha ko bagomba kwanga no gutsemba abatutsi, aribwo amacakubiri yatangiraga ubwo, maze umututsi agatangira gupfa. Ibyo umuturage namara kubyumva azataha umutimanama we umwumvisha ko bapfuye ubusa, maze atahe asabe imbabazi uwo yahemukiye, maze bongere babane mu rukundo, basabane.

Ku ruhare rw'umuturage wa nyuma y'itsembabwoko n'itsembatsemba yagira kugira ngo abanyarwanda babane neza, mbere na mbere ni uko yakwishyiramo ko ari nk'undi akiumvisha ko gutahiriza umugozi umwe nta bwishishanye ari bimwe by'ingenzi mu byagarura imibanire myiza yabo. Umunyarwanda nk'umunyarwanda akumva ko agomba kugira ubufura aho ari hose, aribwo bwarangaga umunyarwanda wo hambere. ubwitonzi bukamuranga kuko « uwitonze akama ishashi » kandi ngo « iyihuse ibyara igihumye ». Umunyarwanda wa nyuma yayo marorerwa, agomba kuzirikana ko aho ari hose agomba kwirinda icyakomeretsa mugenzi we cyangwa se cyashengura uwashengutse. Yego bizwi ko umuntu ari umuntu kandi ko ahari umuntu hanuka uruntu. Yego tuzi ko nta zibana zidakubitana amahembe, ariko buri munyarwanda akiumvisha n'umutima mwiza ko agomba kubana neza n'abandi: umunyarwanda agomba kwimenya, akirinda ubugome, ubuhemu, umujinya kuko nyir'umujinya yijinya. Tuzi ko uburenganzira bw'umuntu wese butangirira aho ubw'undi burangirira, ni ukuvuga ko rero ko buri wese afite uburenganzira n'uburyo bwo kubaho, ari n'ayo mpamvu ntawe ugomba kubangamira undi mu mibereho ye iyo ariyo yose. Ni

muri urwo rwego umunyarwanda abwirizwa kugarura cyangwa gukora ibyamugirira we n'abanyarwanda bese akamaro, agashaka icyakunga ibikomere bye, agerageza kwiyunga no kubabarira uwagize nabi ariko asabye imbabazi. Nk'uko ubwoko bwabwirizwa mu ndangamuntu, bikanasibwa mu mitima y'abanyarwanda maze urubyaro ruzibarukwa, ruzavuke rusanga umunyarwanda nta buhutu, nta butwa cyangwa ubututsi, ruzasange turi abanyarwanda bunze ubumwe nta macakubiri, dushyingirana, duhana inka, mbese dusabana muri byose. Umunyarwanda wa nyuma y'aya marorerwa yabaye mu Rwanda, agomba kumva ko u Rwanda rukeneye ingufu z'abana barwo kugirango rugere kuri ubwo bwiye, no ku majyambere y'igihugu cyatubayeye, ariko umvisha ko atagomba gucumbikira cyangwa guhishira umugizi wa nabi aho aya akagera, kuko byaba ari ugusubiza inyuma amahoro n'urukundo bikwiye u Rwanda. Umunyarwanda w'iki gihe agomba kwitabira amashyirahamwe atari ay'abamwe yunze ubumwe, kandi yikorera anakorera abanyarwanda bese, ariyo atuma umunyarwanda yumva ko atari wenyine, afite inkingi yisunga kugira ngo atarohama mu bwigunge, ahubwo yishingikirize, ubufatanye, inama z'uburinganire bwa buri wese. Kugira ngo ubwiye bushoboke neza, ni uko umunyarwanda yumva ko yagiriye undi nabi, yaramwiciye cyangwa yaramukoreye ikindi cyaha yaza akamusaba imbabazi amwumvisha ko ibyo yamukoreye yabitewe n'ubutegetsu bubi bwabashoye mu ntambara. N'uwiciye amaze kumva no kubona ko uwamugiriye nabi yicishije bugufi amusaba imbabazi nawe akurikije uko umutimanama umuyobora akamubabarira maze bakongera bakabana. Niba hari umuryango ufite ufunze abe ntibahabwe akato, buri munyarwanda wese akumva ko umuntu adahanirwa undi kandi atazizwa undi, bakumva neza ko icyaha ari icya nyiracyo kandi gihanisha nyir'ubwite, bityo hakavaho nk'ibya cya kirura ngo « niba atari wowe ni mwene wanyu », ubwo umubano w'abasigaye ugashimangirwa. Umaturage akirinda kubeshyera mugenzi we wenda bafite ikindi bapfa, kuko icyo cyaha cy'itsembatsemba n'itsembabwoko gihita gifatwa nk'ihame, bityo urengana agafungwa. Maze ibyo biramutse bigezweho, umunyarwanda akongera agashyingira agashyingirwa, agatanga, agahabwa inka, mbese nkuko umubano wari umeze kera.

Banyarwanda banyarwandakazi, muzi neza ko amarorerwa y'itsembabwoko n'itsembatsemba ari ikibazo cyazaniye ingaruka mbi kuri buri munyarwanda, none ubu dukurikije igihe tugezemo, ubutegetsu, ubucamanza ndetse n'abaturage, bari bakwiye gufata ingamba koko zihamye kugirango bahindure imiterere yabamwe bagifite umutima w'ubunyamaswa bahumirize n'ushaka kubiba amahoro, maze babumvishe nyabyo inzira bagomba gucuma, inzira y'ubumwe, y'ubutabera

n'ubwiyunge bw'abanyarwanda, aribyo bizabageza mu nzira nziza y'umubano mwiza nyuma y'aya marorerwa y'itsembabwoko n'itsembatsemba yabaye mu Rwanda. Tutirengagije tuziko kugirango habeho amahoro n'amajyambere ya buri wese, bisabagijwe n'ubumwe hagati ya buri muntu n'undi, hagombye kubaho icyo nakwita ntya » Kubona mugenzi wawe ukamubonamo ishusho imeze nk'iyawe ». Bityo byamara kuducengera twese mu buzima, tukabasha gushyikirana nta rwiwekwe. Niba hari igikomere uzi ko ufite ku mutima, gisohore kugirango worohereze mugenzi wawe ndetse n'abandi ushobora gutera ibibazo ku mpamvu yo gutsimbarara ku makosa, ibyo mu banyarwanda ntibyagombye kubaho, kandi ntibikazongere no kubaho.

Ariko se ubundi ni kuki tutagomba guhana amahoro, Ese byadutwara iki? Njyewe ndabona nkuko nabivuze niwumva ko ukeneye amahoro nawe ugaha undi amahoro, uru Rwanda rwacu ndumva rwagira amahoro azira amakemwa. Niba uri umuturage ukubahiriza amategeko akugenga kandi utabangamiye buri wese, ndetse waba n'umuyobozi ukayobora nkuko inshingano zawe zibigusaba byagera ndetse kubacamanza bikaba intangarugero mu kurengera buri mu nyarwanda bitewe nuko babibona, kandi binyuze mu nzira ntabera.

Buri munyarwanda wese yagombye kugira uruhare rukomeye muri iki gihe tugezemo, kugirango tworoherane kandi tubane mu mahoro, dusabane ntarwikekwe n'idindi byose byatambamira umubano mwiza uranga abunze ubumwe.

Munyarwanda mbisubiremo! Shyiraho akawe buri mugenziwawe umubonamo ishusho yawe, maze tuzarebe uko ushobora guhemukira umuvandimwe kanyarwanda nkawe. Wamuhemukira ute se igihe uzaba umubonamo ishusho yawe?

Sinarangiza ntashimiye guverinoma y'ubumwe, ubushake n'ubwitange yagize bwogukemura ibibazo by'abanyarwanda navuze muri iyi nyandiko, nubwo bwose navuga ko ikiri mu nzira itari ndende mu gushakashaka ubumwe n'ubwiyunge bw'abanyarwanda.

22

IRUSHANWA RYO KUVUGA NEZA MU MASHURI YISUMBUYE.

INTERURO Y'INYANDIKO: ICYAKORWA KUGIRA NGO ABANYARWANDA
BONGERE BABANE NEZA.

IZINA: BYUKUSENGE MOLIYELI

ISHURI: JOC-KIGALI

UMAKA: WA KANE

ISHAMI: UBUCURUZI N'IBARURAMALI.

ICYAKORWA KUGIRA NGO ABANYARWANDA BONGERE BABANE NEZA.

Nkuko mubizi igihugu cy'u Rwanda cyaranzwe n'ibintu byinshi. Ariko nk'uko bikunze kugaragara, iyo umuntu avuze amateka y'u Rwanda (ijambo amateka yonyine) abantu bahita batekereza kubibi cyangwa amakuba byakunze kuranga iki gihugu. Aha; umuntu ashobora kwibaza impamvu bene nk'ibyo aribyo bikunze kuza ku murongo wambere. Ariko impamvu zishobora kuba nyinshi kandi zinyuranye. Nyamara nk'abantu bashyira mu gaciro, ibyo bibi byari bikwiye kwibukwa kugira ngo bitazongera kurangwa mu mateka y'iki gihugu kuko byagaragaye ko ingaruka z'ibyo byose ntawe zitageraho.

Reka noneho dusubize amaso inyuma gato turebe icyateye ayo makuba mu Rwanda, ingaruka zayo ndetse n'uko buri mu nyarwanda wese, mu nzego zose yagira uruhare mu kurwanya ayo macakubiri no mu gusibanganya inkovu zose zaba zaratewe n'ayo marorerwa, maze ubumwe bw'abanyarwanda bukongera bukaba ubumwe nyabwo.

Muri iki gihugu cy'u Rwanda, kuva mu gihe cya gikoronize, ubwo abanyarwanda bari batangiye kumva no gushaka gukurikira inzira ya kidemokarasi, hatangiye kuboneka amacakubiri mu banyarwanda. Ibyo bikaba byaratangiye kugaragara cyane cyane ubwo havukaga amashyaka yari agamije gukuraho ubutegetsu bwa cyami. Ayo mashyaka rero, amwe muriyo yashingiye ku moko ari nacyo kintu cyambere twavugaga ko cyashyamiranyije abanyarwanda kugeza na n'ubu. Kuva icyo gihe bamwe mu banyepolitiki bo muri iki gihugu bakomeje kurangwa no kwifashishainzira z'amoko n'uturere kugira ngo babone uko bategeka bitabavunnye. Ibyo rero bikaba byaratumye hagati y'amoko abiri "abahutu n'abatutsi" hazamo ikintu kitari kiza. Nyamara bitabaturutseho.

Uko rero ubutegetsu bwakoraga iyo Politiki mbi niko abanyarwanda bo muri ayo moko yombi bagendaga batakaza ikizere bafitanye, kugeza ubwo mu mwaka w'1994 habaye intambara y'itsembatsemba n'itsembabwoko ubwo abatutsi n'abahutu batavugaga rumwe n'ubutegetsu bwariho bicwaga bitewe nyine n'ubutegetsu bubi bwariho icyo gihe. Kuba rero ubutegetsu bwari buriho butarashoboye guhagarika iryo tsembatsemba n'itsembabwoko kandi ibyo byose bigakorwa abategetsu babireba, byatumye hapfa imbaga y'abantu batabarika kandi b'inzira karengane. Usibye ibyo kandi hari n'izindi ngaruka nyinshi muri iki gihugu zatewe n'ayo marorerwa kuko hasigaye imfubyi, abapfakazi benshi cyane, abantu batakaje abo muri-ryango yabo, inshuti zabo,....

.../...

Ariko cyane cyane nanone igiteye inkeke; n'ukuba imitima y'abanyarwanda yarakomeretse, kubana kwarakonje, urukundo ruba ruke kwizerana kuba guke mu banyarwanda, gusabana gutangira kugira imipaka. Ibyo bikaba byaratumye imibanire y'abanyarwanda yarabaye mibi. Izindi ngaruka nazo zabayeho, zirimo kuba abanyarwanda barahunze ari benshi bakajya mu mahanga; ariko n'ubwo igice kinini cyabo cyamaze gutahuka, abakiri hanze n'ubu ntiwabura kuvuga ko ikibazo cyabo cyaba gitera ibindi bibazo igihugu cy'u Rwanda.

Muri make rero iyo urebye neza; nyuma y'amarorerwa yabaye muri iki gihugu cy'u Rwanda, usanga mu Rwanda, ubusabane, ubwizerane, ubumwe n'ubwiyunge hagati y'abanyarwanda byarayoyotse. Aha umuntu yakwibaza umuti cyangwa ikindi cyakorwa kugira ngo abanyarwanda bongere babane neza.

Nyamara mu by'ukuri uwo muti ntabwo uri kure kuko ntahandi washakirwa uretse muri iki gihugu kandi buri munyarwanda akagira uruhare mukuwutanga. Dore biri n'amahire kuko umubare munini w'abanyarwanda bari barahungiyeye mu bihugu bihana imbibi n'u Rwanda batahutse. Bityo rero buri munyarwanda uwo ariwe wese akaba akwiriye kwiyumvisha ko akwiriye kugira uruhare rugaragara mu kuzahura ubwiyunge n'ubumwe bw'abatuye u Rwanda. Ni ukuvuga ko umunyarwanda wese murwego arimo arebwa n'icyo kibazo duherereye ku nzego z'ubutegetsi, ubucamanza, abanyamadini, abanyamakuru, kugeza kumuturage wo hasi ndetse n'izindi nzego zitavuzwe hano. Reka turebe mu magambo arambuye uruhare buri rwego rwagira kugira ngo koko abanyarwanda bongere babane nk'uko bikwiriye abavandimwe, kandi bongere barangwe n'ubusabane ndetse n'ubumwe hagati yabo.

URUHARE RW'UBUCAMANZA: Bitewe n'uko amarorerwa yabaye mu Rwanda yakozwe n'abantu banyuranye kandi b'ingeri zose; biraruhije kuba umuntu mu bakoze ayo mahano yakwiyemerera icyaha ngo asabe imbabazi. Kubera ibyo rero, ubucamanza nibwo buonyine bufite ububasha bu gufata no guhana abo bakoze ibyaha by'ubwicanyi ndetse no guca imanza izo arizo zose z'ibibazo ibyo aribyo byose hiri hagati y'abatuye iki gihugu nk'uko amategeko abigena.

Kubera rero izo nshingano z'ubucamanza, ni ngombwa ko ubucamanza bugira kandi bukuzuzwa ibyangombwa byose kugira ngo bwuzuzwe izo nshingano. Kugira ngo imibanire y'abanyarwanda yongere ibe myiza ni ukoubucamanza bwagiramo uruhare rugaragara. Ubucamanza mbere yabyose bugomba kuba bufite abakozi babifitiye ubushobozi. Ubucamanza bugomba gukoresha ukuri bugaca imanza zitabera kandi nta kubogama.

.../...

Kugira ngo ibibazo biri hagati y'abanyarwanda bikemuke, ni uko imanza z'abakoze ibyaha zakwihutishwa, maze bagacirwa imanza bakurikije ibyo bakoze nk'uko amategeko abigena. Ikindi kandi abarengana bakarekurwa bagahanagurwaho icyaha, abo bihana nabo bakabihanirwa hakurikijwe amategeko. Ikindi kandi hagaragaye ko hari abantu bamwe nabamwe bafungwa kandi ari abere ahubwo bazira inzangano basanzwe bafitanye n'ababarenga cyangwa se bazira imitungo yabo. Ibyo rero mu by'ukuri igihe cyose bizaba bikirangwa muri iki gihugu bizaba bigitokoza kandi bibangamira ubumwe bw'abanyarwanda.

Ubucamanza kandi ni ngombwa ko bukora akazi kabwo butarobanura kubutoni. Muri make ni ngombwa kwirinda ruswa kuko ari ikintu kibi kandi ruswa iyo ihawe intebe ubwo ukuri kuba gushyizwe iruhande, kandi ntawe uyobewe ko ahatari ukuri nta bumwe buharangwa.

Ubucamanza rero, bukoze ibyo bugomba gukora nk'uko bikwiriye, bukarangwa n'ukuri bwaba bugize uruhare rukomeye mukunga abanyarwanda ndetse n'ingeso yo kudahana igacika burundu atari mu magambo gusa. Ndetse nta gushidikanya uburenganzira bw'ikiremwa muntu mu Rwanda bwakubahirizwa.

URUHARE RW'UBUTEGETSI BW'IGIHUGU: Kugira ngo koko ubwizerane, ubusabane n'ubumwe bw'abanyarwanda bigere ku rwego rukwiriye abavandimwe, inzego zose z'ubutegetsi kuva kuri guverinoma kugeza kubuyobozi bwo munzego zo hasi zikwiriye kurushaho kwegera abaturage. Abayobozi muri izo nzego zose bagomba guhuriza hamwe imbaraga zabo n'ibitekerezo byabo mu kuyobora igihugu; bagerageza gushakira ikintu cyose cyazana amahoro bakarwanya icyazana umutekano muke. Mbere y'ibindi byose abayobozi bakwirinda gukora amakosa anengwa ko yakorwaga n'ubutegetsi bwavuyeho kuko haramutse hakiriho bene ayo makosa ku bayobozi bashya b'igihugu, nteho igihugu cyaba kigana.

Ikindi kandi ni uko kugira ngo abanyarwanda barangwe n'ubumvikane ari uko bizahera kubayobozi, ntihongeremo kugaragara amacakubiri mumitegekere y'igihugu kuko icyo amacakubiri abaye mu bayobozi adatinda no kugera mu baturage kandi byaragaragaye.

Abayobozi kandi mu nzego zose ni ngombwa ko birinda gushakira inyungu zabo bazishakira mu mutungo w'igihugu kuko icyo urebye neza usanga gushakira gukora vuba biri nabyo mu byahakuye u Rwanda. "Kwitangira igihugu ndetse byaba byiza ndetse byaba byiza wemeye ^{kugira} ibyo upfirwa ariko ugasohozza umurimo washinzwe n'abakugiriye ikizere". Ibyo bibaye intego y'abayobozi b'igihugu cy'u Rwanda muri iki gihe amahoro yakwiyongera.

.../...

Abashinzwe umutekano bagomba kurwanya bivuye inyuma ikintu cyose gishobora guhungabanya umutekano. Ingero: ikibazo cy'amasambu, amazu, ibiyobyabwenge, ubujura, mayibobo,..... kuko bene ibyo (tutibagiwe n'abagizi ba nabi ndetse n'abacengezi) bituma umutekano w'abaturage uhungabana kandi abaturage badafite umutekano nta mahoro aba ahari, kandi buri wese azi neza ko ahatari amahoro nta gitunganye cyangwa ikiza kiharangwa.

Kugira ngo kandi abaturage babe umwe ni uko imyigishirize n'imirere y'urubyiruko ikwiriye kwitabwaho. Kuko urubyiruko arirwo ruanda rw'ejo. Dukwiriye kuzirikana ko urubyiruko rufite imbaraga kandi ko ruteguwe neza rwakubaka igihugu. Ikindi kandi ko rudateguwe neza aho kucyubaka rwacyoreka. Ibyo ngira ngo, ntawe utabizi. Kuko mu bikorwa bibi byaranze iki gihugu, ~~urubyiruko~~ urubyiruko rwagizemo uruhare kandi bitewe n'uko ari bene ibyo baruhamagariye ndetse bakana-birutoza. Kugira ngo rero ibyo bintu bibi bitazongera, abayobozi bayobora igihugu cy'u Rwanda bagomba kwimira inyigisho izo ari zo zose zishobora gutuma urubyiruko ruta umurongo muiza, ahubwo ubutegetsibukihatira kwiyegereza urubyiruko no kurwegera burubibamo imbuto nziza kuko iyo bitagenze bityo urubyiruko rubi rushobora gushyira igihugu mu kangaratete. Ikindi kandi gikomeye kubaha no gukunda Imana byari bikwiriye kuranga abayobozi bo mu nzego zose kuko, iyo igihugu kiyoborwa n'abayobozi bubaha Imana, ibintu byose bigenda neza, kandi n'igihugu kigira imigisha.

URUHARE RW'ITANGAZAMAKURU: Nkuko bizwi rero itangazamakuru rifite akamaro kanini mumizamukire myiza y'igihugu si ibyo gusa kuko rifite n'uruhare mu kunga no kugarura ikizere mu banyarwanda. Ariko kandi ntabwo itangazamakuru ryabigeraho ubwaryo ryonyine ridafashijwe n'abaturage ndetse n'abayobozi.

Muby'ukuri itangazamakuru rikora ari nk'ijisho ry'abo rikorera (aha ndashaka kuvuga abaturage) ndetse rikanabavugira. Ariko ntawe uyobewe ko ururimi ari rubi kandi rukaba ari narwo ruiza. Ababa ariyo mpamvu itangazamakuru rikonzwe hagambiriwe intego iyi n'iyi rishobora kwigeraho. Ibitari kure ntawe uyobewe ukuntu itangazamakuru ryakoreshejwe mu bikorwa bibi byo guteranya abanyarwanda bityo rikaba ryarabaye imwe mu ntware zo guteranya no gutandukanya abanyarwanda. Kubera ko rero abanyarwanda bamaze kumenya ko itangazamakuru ribi rishobora guteza akaga, niyo mpamvu kugira ngo abanyarwanda bongere babane neza ntabibatandukanye buri wese akwiriye kwamagana itangazamakuru rishakira imirimo cyangwa inyungu muguteranya abanyarwanda.

.../...

Muri iki gihugu aho ibintu bigeze, kugira ngo abanyarwanda babe umwe, hakenewe itangazamakuru rivugisha ukuri rigamije gushimangira ubumwe n'ubwiyunge by'abanyarwanda, gukura abanyarwanda mu bujiji no kubamenyesha inzira nziza yo guteza imbere igihugu cyabo. Kugira ngo kandi igihugu kirusheho kurangwa n'ubumwe, abanyamakuru bakenewe muri iki gihe ni abakora umwuga wabo neza atari abagirwa ibikoresho n'abantu bafite imigambi mibisha. Si abanyamakuru kandi barangwa no gusebanya cyangwa guharabikana bitewe n'inyugu bafitemo kuko bene abo aribo usanga boreka igihugu. Bene iryo tangazamakuru ntirigikenewe kuko aho kuzahura ubumwe bw'igihugu riteranya abagituye.

URUHARE RW'AMADINI:

Mugihugu cy'u Rwanda hari amadini menshi anyuranye. Ariko nubwo anyuranye ibyo ntibibuza ko yose ahuriye ku ntego imwe ariyo yo kwegera abantu Imana. Ni ubwo iyo ariyo ntego ariko, ntibibuza bamwe mu banyamadini kuba bateshuka cyangwa barateshutse kunshingano zabo bivanga muri Politiki bikaba byaragaye aho bamwe bagiraga uruhare mu marorerwa yabaye muri iki gihugu.

Icyangombwa rero kugira ngo u Rwanda rurangwe n'ubusabane ni uko bene ibyo bitazongere kurangwa mu mateka y'iki gihugu. Abanyamadini bakarushaho kuzuza no gushyira mu bikorwa inshingano zabo babiba imbuto z'ubumwe n'urukundo mu banyarwanda. Bakamagana kandi bagaca burundu amacakubiri mu madini cyangwa mu matorero yabo. Kuko iyo amacakubiri arangwa mu madini ni hahandi nta bumwe buba burangwa mu bayoboze b'ayo madihi kandi tuzi ko abo bayoyoboze ari igice kinini cy'abagize abaturage b'igihugu. Niba rero nta bumwe bafite n'igihugu nacyo nta bumwe kizagira. Ubwo rero birumvikana ko amadini afite uruhare runini mu kunga abanyarwanda munzira ikwiriye ariko cyane cyane bigahera mu nzego z'hejuru.

IYUBAHIRIZWA RY'UBURENGANZIRA BU'IKIREMAMUNTU.

Amategeko arengera ikiremamuntu ni amwe ku isi hose ndetse no mu Rwanda ndahamya ko yamenyakanye. Ariko ikibabaje ni uko bamwe bibwirako kuyubahiriza ari ibya bamwe nyamara buri wese yari akwiriye kubigiramo uruhare. Ubwiyunge buzabaho buri wese mu banyarwanda amaze kuyumvisha ko agomba kubahiriza uburenganzira bu'ikiremamuntu. Inzego z'ubutegetsi zigafata iya mbere, abayobozi bagatanga urugero r rwiza kubo bayobora. Ubucamanza nabwo bukarushaho kurengera uburenganzira bu'ikiremamuntu mu mirimo yabwo kugira ngo irusheho kugenda neza kandi nta mugayo. Bityo uburenganzira bu'ikiremamuntu nibwubahirizwa n'izo nzego zose umuntu wese wo muri iki gihugu akabwubahiriza, u Rwanda nta kibazo ruzagira kandi nta mwirya uzongera kubaho ukundi muri iki gihugu.

URUHARE RW'UMUTURAGE W'UMUNYARWANDA:

Kugira ngo koko abanyarwanda bongere babane neza mu mahoro, byanze bikunze kubigeraho ni uko: Umunyarwanda wo muri iki gihe cyanyuma y'amarorerwa agomba guhindura ibitekerezo agahindura ndetse n'ibikorwa umuntu akumva ko atagomba gutegekwa ibyo aribyo byose ahubwo nawe agahitamo igikwiye gukorwa kitabangamiye abandi. Umuturage w'u Rwanda rw'iki gihe yari akwiye kureka kwikunda no kwizirikana ubwe gusa ahubwo akazirikana n'abandi. Ndetse byarushaho, kuba byiza buri munyarwanda yibwiyeko mugenzi we amuruta aho kwiyumba nk'uri hejuru y'abandi.

Buri munyarwanda ahereye kubyabaye yari akwiriye kumva no kwiyumvisha ko aho uburenganzira bwe burangirira ariho ubw'undi butangirira kandi akarushaho kwiyumvisha ko mugenzi we atari mwene wabo gusa, uwo bahuje ubwoko cyangwa akarere. Byaba bibabaje umunyarwanda akomeje kumva ko umuzungu uturutse hakurya y'amazi bashobora gusabana no gukundana ndetse akamubera umuvandimwe ariko akaba atakandagira mu rugo rw'uwo badahuje ubwoko kandi bose ari bene kanyarwanda! Ibyo byazagezaho? Birakwiriye ko abanyarwanda bagirana urukundo rwa kivandimwe.

Amahoro azaganza i Rwanda kandi, igihe cyose umunyarwanda yaba uworoheje cyangwa ukomeye, umukire cyangwa umukene azimika ukuri mu bikorwa bye byose, ibyo gutegana bikavaho (dore ^{ko} bisigaye byarabaye nk'ihame mu muco nyarwanda kandi ahubwo biwusebye.)

Nibwo hamwe bazabasha kwemera ibyaha byabo bagasaba imbabazi kandi igihugu cyaranzwe n'ukuri kitarangwa n'imbabazi nta kabuza kiba gifite n'urukundo hagati y'abagituye. Sibaye gutyo umunyarwanda akarangwa no kuvugisha ukuri nta buryarya, nta kabuza buri wese yakumva ko agomba gufatanywa n'abandi kuko burya ngo nta mutwe umwe wigira inama ahubwo wifasha gusara.

Kugira ngo ibyo byose bishoboke kandi ni uko umunyarwanda wese yashyira imbere umuco w'amahoro mu byo akora byose n'aho ari hose uwatakeje abantu be cyangwa ibintu bye muri ariya amarorerwa yabaye mu Rwanda akirinda umutima wo gushaka kwihorera (kuko burya ^{ngo} guhora si ukw'abantu) ahubwo akwiye kuitabaza inzego z'ubucamanza kuko ziriho kandi zishinzwe gukemura ibyo bibazo. Ufite abe bafunzwe kandi koko bazira ibyo bakoze nawe akiyumvisha ko uwayumvisha ko uwakosheje agomba no guhanwa. Naho urengana akagana inzego zibishinzwe zikamurenganura. Ikindi kandi umuturage w'umunyarwanda niyemera ibyo byose nta kabuza igihugu kizagira amahoro kuko ariwe shingiro rya byose.

.../...

Muri make rero igihugu cy'u Rwanda gifite ingorane nyinshi cyashyizwemo n'intambara y'itsemba bwoko n'itsemba tsemba. Muri izo ngorane rero harimo no kuba ubwizerane n'ubwiyunge mu banyarwanda bidashyitse. Nyaha ariko umuti wo kuzahura ubwo bwiyunge n'ubwizerane ugomba gutangwa na buri munyarwanda kugira ngo abanyarwanda bongere babane neza.

Ibyo bizagerwaho rero igihe buri wese mu banyarwanda azishyiramo intego yo kubahiriza ubwengezira bw'ikiremwa muntu aho ari hose, mu byo akora byose cyangwa no mubyo ashinzwe wongeyeho no munzego z'ubutegetsi ndetse n'ubucamanza. Ariko igikwiriye kuza kumurongo wambere ni ukwimika ukuri mu bikorwa ibyo ari byo byose kandi munzego zose guhera guhera kubuyobozi bukuru bw'igihugu kugeza ku muturage wo hasi. Ibyo nibigerwaho, nta kabuza abanyarwanda bazongera babane neza.

23

KIGALI, kuwa 25 Nyakanga 1997

**IRUSHANWA RY'UMUSHINGA UTEGURA INYIGISHO
Y'UMUCO W'AMAHORO UBIFASHIJWEMO NA PNUD**

**NSENGIYUMVA Gérard
5^{ème} COMMERCE & COMPTABILITE
Groupe Scolaire RUGUNGA
B.P 120
KIGALI.-**

**"ICYAKORWA KUGIRA NGO ABANYARWANDA
BONGERE BABANE NEZA"**

Nyuma y'ishyano ryaguye mu rwatubyaye rukaba rwaratakaje amanzaganya benshi mu baruvukamo, na byinshi birimo n'umuco wacu, buri Muturarwanda na buri Muvukarwanda by'umwihariko akwiye ndetse agomba, hasi kubura hejuru, kureba icyakorwa ngo Abanyarwanda bongere basabane, nta kwishishanya ngo aho umwe aciye undi abe yahacisha umuriro ahubwo bagahagurukira gusakaza ubumwe, ubwiyunge, ubutabera, amahoro, byose babifashijwemo n'ababayobora. None se niba rwarubitswe n'amaboko y'abarwo; kuki rutakubakwa n'ay'abaruvuka ? Niba se hari icyakozwe ngo rwubikwe; ubu hakorwa iki ngo rwubakwe ? Ese kubana neza hari uwo bibangamira ? Ese nyuma yo kwima muntu agaciro Abanyarwanda bakwiye kwicisha i Kibungo bakiraza i Nyanza bakirengangiza nkana ibibazo by'insobe bibugarije ? Yego ishyano ryaraguye, ndetse birenze kamere ariko ba nyir'ubwite barasabwa kugarura ishyaka bakarububiza ubushyashya, ibyo se birashoboka ? Ibyo ni bimwe mu bibazo Umunyarwanda nyir'izina akwiye kwibaza no gushakira umuti nk'uko turi bubirebe, bityo akaba yakwicara agatereka imihigo mu ruhandu rw'intwari, agashyira ku Karubanda icyo yamariye urwamwibarutse.

Burya ngo "Ibitagira mukuru birumba ari indaro". Indaro hano irerekana ibintu byinshi bibuzemo uburyo; Uyu mugenurano uratwereka ko igihe duciye ukubiri n'impanuro z'abakuru, tukumva ko "Kiriziya yakuye kirazira" nk'uko abashaka gukura imiziririzo mu muco wacu babyitwaza, bidatera kabiri tutabonye ko ari ukwibeshya, ndetse rimwe na rimwe tukajya kwisama twarasandaye kera. Ibyo mbivugiye ko amarorerwa yaguye mu Rwanda, uretse urukungu Rutuku yabibye mu mbuto nzima, yashimangiye ahanini no kutumva impanuro, Impanuro rero zikwiye kumvikana nk'imwe mu nzira zayobora ku mibanire izira amakemwa, zimwe tuzisanga mu byo bazirizaga, nko kutica umuntu, izindi mu mibereho ya buri muni, nko gusuhuza uwo muhuye, kabone n'ubwo bwaba ari ubwa mbere muhuye, bityo ntimuhure nk'abahuriye mu mazi, ahubwo mugahuzwa n'uko muvuka i Rwanda, mubaho Kinyarwanda, mutahiriza umugozi umwe.

Birazwi kandi ko iyo urugingo rumwe rw'umubiri rurwaye; n'umubiri wose uba warwaye, ni kimwe rero no ku bantu iyo umwe muri bo agize ikibazo, ingaruka zacyo ntizimwihererana wenyine, bese bese zibageraho n'ubwo hashira imyaka na Nyakanga, amaherezo nabo iyo nkongoro bayinyweraho. Ku buryo bwumvikana neza, dufate urugero ku baturage ba Kibungo. Baramutse biciyemo ibice byakurura amacakubiri, yakururukana kugeza ubwo bagiye mu mirya bakarwana. bityo ubuzima bwahagarara. Nubwo buhagarara ariko ingaruka zabyo ntiziguma ku bashoje intambara, ahubwo zigera no ku tundi turere twagemuriranaga na Kibungo nk'ibitoki n'ibindi. Niho wumva ngo i Kigali ibiciro byahariwe abifite, ngo bamanitse imbabura, nta wikora ku munwa keretse uhunitse imari. Yewe n'ukiri mu nda na we zishobora kumugeraho nta gitangaza kirimo, kuko niba ababyeyi be barabanaga nabi, mbese barasize inkuru mbi imusozi, na we nta we uzamucira n'akari urutega, azajya ahita bamuryanire inzara bati "Inyana ni iya mweru", kabone n'ubwo we yaba ari imana y'i Rwanda. Umunyarwanda yarihoreye ati "Ababiri bashyize hamwe baruta umunani urasana", yashakaga kwerekana ko ubumwe ari intwari y'ingenzi yadufasha kurwana intambara y'urwango rwabibwa n'abishakira inyungu zabo bwite, bityo ati bake bashyize hamwe; nta we uca undi ruhinganya bahiga kure benshi bareregana, batatura ngo basesekaze ku munwa akabari ku mutima, ahubwo bagaca ku nda bakinganye mu nda. Ubumwe rero bwagombye kubera Umunyarwanda wumva atewe ishema no kuba we, imwe mu ntware zatumye arwanyaga agaritse ibyano uwashakaga kugarura amacakubiri iwacu aho yaba aturutse hose, kabone n'ubwo yaba ari intumwa ya Gihanga wahanze u Rwanda dore ko Rutuku ajya gutukuzwa imbuga yitwikiriye ivanjiri agaca iruhande ibya karande, agaca bugufi agaca ibico mu bavandimwe, agaca amateka menshi aca ibintu, agaca icyuho mu muco wacu, maze bamwe mubonye amaso bacu mu nkindi bibeta nka we, bacurika umutwe bacura inkumbi abo bareranywe.

Ngiye kurondora uko abakurambere bacu babonaga ubumwe narondogora gusa icy'ingenzi twavana mu mpanuro badusigiye no mu mahano yagwiririye u Rwanda ni uko "kubana neza" ari ukwicira amayira, ni ugutegera ejo hazaza, ni uguteganyiriza uwawe, ni ukusa ikivi wateruriye u Rwanda.

Birasanzwe kandi ngo "Iteme umugabo azambuka aritinda agitunze" Bityo rero kwiteganyiriza ni ngombwa, bivugwa ko nta we ukwiye gutegereza kwiyunga ari uko hagize impamvu iyi n'iyi imutsikamira, ahubwo niba hari uwo waba warakoze ku itama,

icyiza ni ukumwegera mukicara mu gacaca mugacocagura amagambo muhereye ku muzi w'icyo mwapfaga mugaherukira ku bushorishori bwacyo. Nta kubyahugikana ngo ubicire mu nda kuko burya akasesekaye ku munwa kaba kabaye nka rya buye ryagaragaye...ubwiyunge na bwo ni indi ntwaro y'ingenzi nyuma y'intambara yatambamiye imigambi ya benshi, nyuma y'amahano yahanukiye umugongo uduhetse, nyuma yo gusezera ishyanga no kugaruka aho amaso y'umutima yaroraga ariko ay'umubiri ntabe yahaca iryera, nyuma yo gusubira mu byabo kw'abari babitaye batatonganye, nyuma yo guhahamuka kw'abahabuwe n'ibyo babonye, nyuma y'amatage yose yarandaguye imizi n'imiziririzo y'umuco gakondo. Ariko rero kwiwunga bigira akamaro iyo uwakosheje abanje kwiwunga nawe ubwe mbere y'uko ajya kwiwunga na mugenzi we. Byumvikane neza ko iyo umuntu yagomeye undi ahorana umutima utari mu gitereko; bikaba ngombwa gusubiza umutima hamwe, yiyunga nawe ubwe, kuko niba yumva ibyo yakoze atabiteruka nk'umuhigo mu ruhando rw'intwari adashobora na rimwe kugira amahoro atabanje kwiwunga nta buryarya, nta kuzinzika impamvu zabimuteye.

Aha ndashaka gushimangira byimazeyo "Umutima-nama" kuko umuntu aramutse ashize mu bikorwa nta nshiti ibyiza akareka ibibi nta gushidikanya ko kwiwunga bitatinda gushinga intebe mu batanye badatata, mu batokoje umubano wabo. Bityo niba umuntu wese yumva ko igihe akoze ibintu bitari byiza, bitamuhesheje ishema, agomba kubyemera mbere na mbere, kandi akemera no gukosorwa kabone n'ubwo yaba yerekanye ko ibyo yakoze yabitewe n'ubujiji, n'inkubi, ihurura cyangwa se iterabwoba by'ababifitemo inyungu zabo zihariye, bityo bakamukoresha nk'inzira y'ubusamo ibafasha kugera ku byifuzo byabo batiyushye akuya. Birumvikana ko kubera imbaraga nke za muntu, hashobora kuboneka benshi bavuga ko ibyo bakorewe ari agahomamunwa, ndetse bikaba binabarenze kumva uwabigizemo uruhare yikora agatera ivi imbere yabo ngo aha arasaba ko baca inkoni izamba, bakamugirira impuhwe. Nyamara utuje ugatekereza, ntabwo umuti w'ikibi ari ukugerera uwakikugiriye mu kebo nk'ako yakugerereyemo, ahubwo ni ukumva ko ibyo yakoze biteye ikimwaro ndetse bikagutera umwete wo gushakashaka uko wakwivana mu ako kangaratete aba yaragutayemo. Burya ngo "Uhiriye mu nzu ntaho adapfunda imitwe", none se niba twugarijwe n'ibibazo by'ingutu kandi ahanini tubigiramo uruhare kuki tutagira umwete wo kubikemura ? Aho ntuzaba nka Bigirankana bya Nirwange wabwiye umugore we abonye inzu ihiye ati "Jya gusasa niryamire nta we uzimya uwatse". None rero niba umuriro waratse; ntudukwiye gutekereza nka Bigirankana, ahubwo tugomba kumva ko kuwuzimya bitworoheye, dore ko nta kinanira ugishyizeho ubushake, akagishaka ashize amanga cyane mu gihe azi ko nakigeraho kizaramira

imbaga itagira ingano kandi na we kikamutiza umurindi. Ariko kandi vuga numve nta mumaro ahubwo ibivugwa byagombye kujya mu bikorwa, bityo ntibibe nka bya bitwenge by'inkoko bishirira mu kwayura.

Kwiyunga rero bigira umumaro iyo ubutabera bushinze imizi, ntibugire uwo bwicarira cyangwa butonesha ahubwo bugakora akazi kabwo mu kuri. **Ubucamanza** nabwo si ubwiru, aha ni ukuvuga ko butagomba kugira icyo buzinzika cyangwa butubya ku kirego iki n'iki. Niba bubereyeho kurenganura abarengana no kugorora abatanye bugomba gushyira ku Karubanda ibyaha byakozwe kandi bubihagazeho; mbese bwarikoreye igenzura, maze bugasaba urega kongera ibimenyetso simusiga, n'uregwa kwiregura. Mu iki gihe tugezemo rero ubucamanza ntibworohewe na busa, kubera ingaruka z'itsembabwoko n'itsembatsemba. Ubu butezwe amaso n'imbaga itabarika cyane cyane y'Abanyarwanda utaretse n'Abanyamahanga. Bufite kandi **n'uruhare runini mu kongera kubanisha neza Abanyarwanda**, kuko hari benshi bagifite ibikomere by'intambara byaba ibyo ku mubiri ndetse n'ibyo ku mutima, bategereje kurenganurwa, bategereje inkunga y'ubucamanza. Hari kandi n'abarenganywa na bagenzi babo babitirira ibinyoma dore ko kuva muntu yaba muntu kugira nabi yabigize nk'intwari yo kwivana mu bibazo bimuzitira, nk'iby'ubukene n'ibindi, bityo hakaba hashobora kugira uwitwaza ubutoni afitanye n'abakurikirana ibyaha akaba yarenganya mugenzi we amuziza akazahoraho (ibintu) cyangwa se imbehe (akazi) nyamara mu Kinyarwanda "Nta mugabo wicarira undi". Birumvikana neza ko ubucamanza buca mu nzira zinyerera, mu bitekerezo bibogamye by'uwashaka gukurura yishyira ndetse no mu ihamba mu nda ry'ibimenyetso by'udashaka ko icyo yakoze cyamukurikiranwaho. Kugira rero ngo bube bwaca mu ayo macenga ni uko bwakwirinda kuvugirwamo, bukagenda ku ridakuka (itegeko). Ibyo ni bimwe mu byatuma umuco wo kudahana ucika burundu, amakimbirane na "Munyumvishirize" bikagenda mpiru na nyoni, maze tukongera gutura u Rwanda rugwa imvura, ruje ituze, rufite amahoro azira guhora, rufite ikirari cyiza mu rugaga mpuzamahanga, ruzira itsembabwoko n'itsembatsemba, ubwibone n'ubwikanyize, ruzira itoneshagatsiko, rurangwa n'ubutabera.

Ariko na none ucukumbuye neza wasanga ibyo bidahagije kuko bishoboka ko ubucamanza bwakuzuzwa inshingano zabwo ariko bikagorana gushyika ku **mahoro** buri wese yifuza, bityo rero buri wese akwiriye kwiyumvisha ko **amahoro akeneye yaturuka kuri we ubwe** mbere yo kuyashakira mu bucamanza no mu zindi nzego z'ubutegetsu, aha byumvikane neza ko umutekano Umunyarwanda yifuza mbere y'ibindi ari uko uburenganzira bwe bwubahirizwa nk'uko amategeko abimwemerera. Ariko kandi buri

wese akwiye kumenya ubwo burenganzira, bityo imvugo y'icyaduka benshi bakunda gukoresha batsimbarara ku makosa yabo ngo "Ni uburenganzira bwanjye" igatandukana n'imvugo nyakuri. Umuturage ushaka amahoro yagombye kumva ko **uburenganzira bwe burangirira aho ubw'undi butangirira**, mu yandi magambo agomba kwemerera mugenzi we uburenganzira yifuzako nawe bamwemerera. Byongeye kandi umuturage ntagomba kumva ko hari abashinzwe kumurinda ku buryo bw'ihame, ahubwo akwiye kumva ko ari we urebwa mbere y'abandi n'umutekano we, ko inkunga ya Leta yaza ari inyongera n'ubundi ngo "Ak'imuhana kaza imvura ihise". Kugira kandi ngo abone amahoro yifuzako ni uko yajya akurikiranira hafi ibyemezo ibi n'ibi bifatirwa mu nzego z'ubutegetsi ni ukuvuga ko agomba kwitabira inama n'ibiganiro ategurirwa, kugira ngo yerekwe uko yabungabunga umutekano we n'uko yakwiteza imbere. Si ibyo gusa ahubwo agomba no kwirinda gukingira ikibaba abo azi cyangwa akeka ko bashobora guhungabanya umutekano, kabone n'ubwo baba bafitanye isano cyangwa bamwumvisha ko nta mugambi mubisha bamufiteho, bityo nta cyamwemeza ko nibarangiza abo bawufiteho atari we uzaba atahiwe, aka wa mugani ngo "Uhishira umurozi akaguca ku rubyaro". Hari ubwo rero umuntu yigirira nabi ariko ntabimenye, kuko burya uwo ugambaniye utaba uzi ibyiza yari kuzakugirira mu nzagihe, kandi rero ingaruka z'ikibi ziratinda ariko ntizihera. Iyo bimenyekanye ko ari wowe nyirabayazana wonsa iryo wabyaye.

N'ubwo ariko twibanze ku muturage cyane, nta bwo ari nyamwigendaho ahubwo hari n'abamuhagarariye mu nzego zose z'ubutegetsi, nabo mu nshingano zabo harimo **kurengera no kurenganura umuturage**, bityo basabwa kwerekana mu bikorwa ko koko ari we bahagarariye. Urugero rufatika ni nk'ingendo **Guverinoma** cyangwa abayihagarariye bagirira hirya no hino, mu rwego rwo gushakashaka umuti w'ibibazo byugarije igihugu, kungurana ibitekerezo, guhumuriza abaturage, kubamenyeshya ibishya n'ibindi n'ibindi. Aha rero nagira nti "Ntimugatsikire, mukomereze aho kuba abungeri babereye ubushyo baragijwe", dore ko nta ko bataba bagize ngo imibereho y'abaturage irusheho gusa na bike. Hari kandi n'ababahagarariye mu buryo navuga ko bwihariye; abo bakaba ari **"Intumwa za rubanda"**, izo ntware mu kurwana iy'ibitekerezo na zo zifite umurimo utorokeye ndetse usaba kwitanga nta kwitangira itama, ariko n'ubwo ibibazo ari insobe zisobekeranye, izo ntumwa nk'uko zibikora zegera abaturage, zinahanga iridakuka na zo zirasabwa kongera umurego kugira ngo dushobore kugera ijanja uwo musonga urimo udusonga. Birumvikana rero ko uruhare rw'ubuyobozi bw'igihugu ari ngombwa kugira ngo rwuzuzanye n'urw'abayoborwa. Bityo ubwumvikane, ubwiyunge n'amahoro byagerwaho nta shiti.

Nyuma y'ibyo byose twabonye, mbona ko abanyarwanda nyir'izina twese twashyira hamwe, tugahuguka tugahaguruka tugahangara ibihungabanya ubumwe tuzirikana ko turi bene mugabo umwe. Sinshidikanya kandi ko tubaye agati gakubiranye nta mukoroni wakongera kurota aducamo ibico n'ibice byo kumarira ku icumu abo twacumbikanye mu iyi si icumbeka urugomo, ubwikanyize n'ibindi, byose bikururwa n'abashyira inda imbere, bakavunda bene Kavuna batagira kivurira ari bo bakabavugiyeye, babicishije mu marenga ya politiki. Umuturage na we aho kwamagana ibimushora mu rwa Bayanga, agahuta, agahutera nka ruhuhuma, akagenda ikubagahu nyuma akazibuka ibitereko yasheshe. Nk'uko twatangiyeye tubyibaza, nta munyarwanda ukwiye kwigira "Ntibindeba" ngo avunire agati mu ryinyo kuko kubana neza nta we bibangamira, ahubwo bigira akamaro kuri buri wese. Kuzuzanya na byo ni ingenzi hagati y'abayobozi n'abayoborwa. Ntihakagire uhezwa azizwa ubwoko, akarere, idini, ibitekerezo n'ibindi, kandi twamaganire kure icyenewabo, ikimenyane, bitugukwaha, byose bigende nk'ifuni iheze. Bityo rero gutunganya urwatubyaye ntibigomba kutubera amahundo y'ijoro mu gihe twumva ko dukeneye Igihugu gitamba amata n'ubuki. Ndetse ndasanga ibyo twabonye byose bigiye mu bikorwa, tukagenda ku ridakuka (Itegeko) no ku mpanuro nziza duhabwa, Ubumwe, Ubwiyunge, Amahoro... byagerwaho nta zindi mbogamizi. Bityo imitima ntiyasubira gutera ukundi n'amaraso ntiyakongera gutamba ukundi, ahubwo twakwicaza ingata y'umugongo, kandi aho bwakera Imana ntiyaba ikirirwa ahandi ngo itahe i Rwanda, ahubwo yajya ihirirwa ikanaharara.

=====

TUVE IBUZIMU TUJYA IBUNTU, DUHARANIRA UBWIYUNGE MU BANYARWANDA.

Muvandimwe uzumva cyangwa uzasoma iyi nyandiko, nkundira nkubwire nti “gira amahoro, kandi umfashe kuyifuriza umunyarwanda uwo ari we wese tumushakira ubwiyunge”. Reka nkubwire gato tunganire unzi : ndi umunyarwandakazi wababajwe no kubura amahoro, akaba kandi atari jye jyeniyine ahubwo ari abanyarwanda bose; ni nayo mpamvu ikomeye inteye kwandika iyi nyandiko.

Ndagira nti “tuve ibuzimu tujye ibuntu”; hagomba inkunga ikomeye cyane ya buri munyarwanda. Jye ndatanga icyo mfite nkasaba buri wese icyo afite kugira ngo duce amahano mu Rwanda. Ndatanga kandi nkanasaba : Ndatanga ibyo mfite mu byo nahawe, nigishijwe, nabonye kuko ngo ubwenge burarahurwa. Ndasaba umunyarwanda uwo ari we wese yaba ari mu Rwanda cyangwa ari mu mahanga kuko inkunga ye irakenewe cyane. Ndasaba kandi incuti z’u Rwanda kuko ntawigira kandi incuti iboneka mu byago. Mbese ndasaba buri wese mu cyiciro arimo; haba mu butegetsi bw’igihugu, mu bucamanza, mu buyobozi bw’idini runaka, mu rubyiruko, ntibagiwe no muri rubanda rugufi kuko ari bo shingiro ry’ubwiyunge.

Ndisegura ariko ku batazanogerwa n’iyi nyandiko, bazanyihanganire kuko ntagamije kubatoneka ahubwo icyo nshaka ni umuti w’ubwiyunge, kandi ntimuyobewe ko n’ibinini bivura marariya birura. Emera ubihirwe maze twese duhagurukire guhashya amahano i Rwanda duharanira ubwiyunge.

Burya koko ngo umwera uturutse ibukuru bucya wakwiriye hose, kandi ngo ijisho rya mukuru rikurebera utaritumye. Ndeka rero nkwisabire wowe mutegetsi kuko utubereye ku isonga. Sinkubwira ibya politiki kuko uretse n’ubuswa muri yo, jyewe nta yo nzi na busa. Gusa ndakubwira duke nabonye mpamya ko twakuruye amahano iwacu, kugira ngo nuturandura uzabe uduharuriye inzira y’ubwiyunge.

Mu mashuri abanza nigishijwe ko mu Rwanda hari ubutegetsi bw’abaturage, bukorera abaturage, butangwa n’abaturage. Nkurikije ibyabaye iwacu navuga ko nta kuri kwabayemo kuko uwo muturage bwitiriye yabaye nk’igikingisho cy’umuyaga maze abari bafite ubushobozi bibonera inyungu zabo, bibagirwa nyakwigorerwa kandi ari we babwitiriye. Ndasaba buri mutegetsi uwo ari we wese kureba ako karengane k’uwo muturage ! Akeneye kumusanga ukamuhumuriza, ukamutoza kwiyunga umubwiza ukuri kandi ukamwerekana mu bikorwa kuko kora ndebe iruta vuga numve. Mukemurire ibibazo nta

mananiza ahabaye; nta ruswa cyangwa “genda uzagaruke ejo” kandi mwembi mwaje, nta kureba igihugu yaturutseho Mugire ishingiro ry’amajyambere mu nama zinyuranye uzamugira.

Ibyabaye iwacu byatewe na byinshi; navuga nk’amateka n’uburere mboneragihugu byigishijwe abana b’u Rwanda. Bakura babwirwa akarengane k’abahutu mu buretwa no mu buhake. Batozwa gushyira imbere uturere tumwe. Bacengezwamo imico mishyashya yo gushyamiranya amoko (abahutu n’abatutsi) nyamara ku munyarwanda wa mbere y’ubwo bwigenge amoko yavugwaga ni abasinga, abanyiginya, abega abazigaba n’abandi; dore ko ari nayo yari afite akamaro : ababaga ari abase b’abandi babamariraga amahano,..... Ndagusaba rero guca burundu amateka mabi yaranze iki gihugu, kuvugurura uburere mboneragihugu bwigishwa abana b’u Rwanda; kuko muryamo iturutse mu ruhongore iyogoza ishyo ryose, kandi ngo urumbirije mu ngobyi ntarumburira mu ngabo.

Mpamya ko abaturage nta cyo bapfaga. Ni yo mpamvu mwe muri mu nzego z’ubutegetsi mubishyizeho ubushake, Perezida akagenderera abo ashinzwe, akumva ibibazo byabo, Minisitiri akamutera ingabo mu bitugu, Burugumesitiri agatera ikirenge mu cyo agenderera abaturage kandi abahumuriza, yumva ibibazo byabo akanabibakemurira nta mananiza; Konye na Nyumbakumi bakamwunganira, ubwiyunge bwaboneka nta gushidikanya. Ntimuyobewe ko umwambari w’umwana agenda nka Shebuja. Ni ahanyu rero ho gutoza umunyarwanda ubwiyunge nk’uko mwabitangiye; ndasaba kongera umurego.

Njya ngira agahinda iyo numva abantu bavuga ko kwiyinga bitazashoboka. Ese mwe muzi amateka kundusha muyobewe ko mbere y’1959 abanyarwanda bamaze imyaka amagana babanye, basabana, bahana inka n’abageni ? None se imyaka 33 cyangwa 34 ikwiye guca burundu umubano mu bana b’u Rwanda ? Oya ntibikabe, ahari abagabo ntihapfa abandi. Aba mbere barashenye ndabizi, gusenya biroroha narabibonye; ariko nta wacika intege n’ibindi bizaza. None se ko nta cyo bapfaga, ni iki kizababuzza kwiyinga ?! Ndasaba rwose gushyigikira no kugaruka k’umuco wacu kuko harimo umurage mwiza, kirazira iwacu ihabwe agaciro yambuwe. Ubwira uwumva ntavunika, reka nisangire n’uriya muturage dore ko ari na we ukeneye ubwiyunge akaba ari na we shingiro ryabwo.

Ndagira nti “muvandimwe tuvukana i Rwanda reka nkubwire duke nabonye, ubwo wambonye izuba uzanyungure byinshi ariko bidufasha kubaka urwatubyaye”. Tuganire wowe wacitse ku icumu, yenda wari mu mwobo, mu gisenge cy’inzu se, mu

rufunzo n'ahandi. Ufite byinshi wabonye sinkuzurira akaboze umbabarire, ndakubwira ibyo nabonye bikwibutse ibyo nawe wabonye, utekereze ububi bwabyo, bigutere kuzinukwa amahano iwacu uharanire ubwiyunge mu banyarwanda. Ndagira nti "nabonye umuntu yica undi batatonganye. Nabonye umubyeyi yambika undi ubusa ku gasozi kandi kera ngo aho umubyeyi yagwaga undi yatereragaho utwatsi. Nabonye umugabo yica nyina bapfuye ibyo basahuye, nyuma y'ibyo mbona imvune abanyarwanda bagize bahunga batazi iyo bajya bamwe batazi n'icyo bahunga....." Wowe se wabonye iki ? Ese wabonye ayo mahano yose yarasize inyungu i Rwanda ?

Ndagusaba kubitekerezaho singusaba kubyibagirwa, kuko yaba ari intangiriro yo kuzabigarura no guha icyaha intebe. Menya ububi bwabyo ubizinukwe burundu, kuko wabonye inkurikizi zabyo. Nizera ko utifuza ko byagaruka kuko bigarutse nawe bitagusiga. Tanga inkunga yo kubabarira ubikuye ku mutima atari wa murenzaho wera ibijumba. Tandukanya umwicanyi n'utari umwicanyi, umuhutu wese wimubonamo interahamwe. Shinja uwo wabonye koko; iyumanganye gitwari urangwe n'urukundo, ukuri n'urugwiro. Irinde guhora kuko ari ukugarura amahano iwacu. Burya kubaho ni ukubana kandi ni ugufatanya. Reka nsange n'uriya warokotse kandi utaremeraga ubwicanyi, ibyabaye yarabibonye ndetse n'inkurikizi zabyo.

Reka nkwiwubutse nawe ibyo nabonye kugira ngo nitubica iwacu bizadufashe kugera ku bwiyunge : nabonye umugabo yica mwishywa we kandi kera cyaraziraga kumuriza. Nabonye urusoro ruzira icyaha cya Se kandi rutaragera ku isi icyo cyaha cyakoreweho. Nabonye umugabo uterura umwana amusekera arubahuka aramwica..... Wowe se wabonye iki ? Byagusigiye iki se ku mutima ? Fata umwanya ubitekerezaho gatoya maze ushishikazwe no guharanira ubwiyunge. Tabara uriya muvandimwe wawe ufunze azira ubusa ukicecekera kandi uzi nyiricyaha. Vugisha ukuri kuko wabonaga maze aho kukuryamira wemere uryamire ubugi bw'intorezo. Humuriza n'uriya uhungutse kuko ubu nta mutima afite mu gitereko.

Imfura ni izihurira aho zasezeranye, reka ndekere aho ariko sinzagosorere mu rucaca. Wowe se wicanye, waba ufunze cyangwa utarafungwa, ubitekerezaho iki ? Navuze amahano iwacu, mpamya ko wayabonye kundusha ariko ntibitubuza kwibukiranya kugira ngo tuzayace tuyazi neza. Nakomeje kuvuga ngo narabonye ariko hano ho naranumvise. Nabonye umwana asaba imbabazi z'ibyo atakoze. Nabonye umuntu wavuye ku Rusumo agera i Nyaruteja n'amaguru imodoka yayihinduye ingata y'urwiri yahambiriye mu birenge. Numvise umugabo wasamwe n'igihango cyo kwica umuturanyi, maze na we macinya imutsinda muri burende.....

None yenda urafunze; ndabizi hari uzira ubusa. Nyemerera nkubwire ngo ihangane kuko ibitambo by'amahano bigomba kubaho kandi igihe kizagera urenganurwe. Ariko se niba utarengana ubitekerezaho iki? Uracyafite uburakari, ndetse uranafungisha abo mutafatanyije icyaha! Ubwo se uragana he? Isuzume nawe ubwawe urebe ububi bw'ayo mahano, ndetse n'ingaruka zayo. Yenda wabikoze ku gahato, cyangwa warahubutse kuko utari uzi ingaruka, vugisha ukuri buri wese aharirwe uruhare rwe bwite. Ariko se niba warize ukaba warateguye uwo mugambi, wanyemereye ugatanga inkunga yo kwicuza, ukazinukwa icyo cyaha ubikuye ku mutima nta we ugushyizeho agahato ko nta wakuboneye ingaruka zacyo, ukarenganura uriya ubeshyera?! Komera k' ukuri kuko guca mu ziko ntigushye. Nta wakwifuzza ko mupfira gushira. Rwose buri wese nasabe imbabazi kuko uwemeye icyaha aba atangiye kubabarirwa.

Reka nkureke ubitekerezaho gatoya maze nsange n'uriya uhungutse. Burya uwubaka wese acukura umusingi kandi hiyunga abazi icyo bapfa. Umbabarire rero tugaruke gato ku byabaye maze twiyunge bituvuye ku mutima. Ibyabaye warabibonye, yenda byaragushimishije kuko utari uzi inkurikizi zabyo. Warahunze amaguru arashya n'ubwo Umuryango w'Abibumbye watanze amamodoka ariko wabanje kuzenza ibirenge. U Rwanda wahunze urarusanze, usanze amatongo wasize ushatse n'ikigunda, ahitwa iwawe uhari udahari kubera ubwoba. Urarya utariye ngo yebaba ejo bazamfunga. Hari n'ababoneye ubuhungiro mu kwiyahura: ibaze nawe guhungira ku rupfu!

Reka rero nkubwire, inyungu y'icyaha ni urupfu n'ubwoba. Mbera intwari y'umunyarwanda uzinukwe icyaha n'ububi bwacyo cyo gatsindwa n'ababyeyi bacu batabarutse basize u Rwanda rutekanye. Saba imbabazi uzazihabwa, emera icyaha kandi uvugishe ukuri maze uko kuri kuzakubere icyambu mu bwiyunge bw'abanyarwanda.

Mu byukuri umuturage nta cyo yapfaga n'undi; barasangiraga, bagahakerana bagatetana ndetse bakanataramana. Ariko aho Kiriziya ikuriye kirazira iwacu, imihanda igakura imihango ya kera, ibintu byabaye ibindi, turakunda tuzirura ibizira. Mubyeyi rero ni ahawe ho kugarura umuco mu Rwanda. Muwushyigikire uko mubishoboye, dukeneye impanuro zanyu kuko bijya gucika umwana yabaye uwa naka gusa kandi mbere yari uw'umuryango, usanze akosa akamuhana atari uko yamwibyariye. None ubu mwaterereye agati mu ryinyo. Ubwo burere bwadohotse ni bwo bukurura amahano iwacu. Si mwe mwiciriye umugani ngo imburagihana yabaye n'imbura gihamba! None se ko umwana utaganiriye na Se atamenya icyo Sekuru yasize avuze, nimutadusigira

ubwo bukungu bw'umurage w'u Rwanda tuzabubaza kwa nde ?

Sinarangiza ntongeye gusaba umuturage kugira ubushishozi. Ingaruka zose warazibonye kandi ni wowe shingiro ry'amajyambere; uzi ko utunze benshi mu bukungu bw'igihugu. Ndagusaba rero gukurikiza inama ugirwa n'abayobozi, gukunda umurimo, kugaruka kuri wa mucu wacu w'ubufatanye bwarangaga abanyarwanda. Mpamya ko umugabo ari uwisubiraho; nawe rero nubikora uzaba utanze inkunga mu bwiye.

Umukuru arumva ntabaza, reka mbe nsanze n'urubyiruko. Rungano tunganire. Ibivugwa byose ku bwiye ni wowe ubwirwa kuko ari wowe maboko y'u Rwanda. Reka nkwbire akabanga : ubu ni wowe bishya bishyira, ejo hazaza harakureba. Nyemerera ufate akanya wiyubake ubwawe. Rera umutimanama wawe, wigaruremo ubuyanja maze dufatanye urugendo. Ibyabaye warabibonye waba warariraga cyangwa warasekaga, icyo mpamya ni uko wabibonye. Ese wowe ubivuga ho iki ?

Ndabizi byagusigiye imfundikirane, ariko ihangane uyimene, kuko ari yo nzira y'ubwiye. Burya ngo agakoni k'iminsi gacibwa kare kakabikwa kure ! Wireba gusa ibyabaye kuko iyo umuntu yibwe niho amenya kuziba icyuho. Hagurukira gushaka ubwiye kandi ukore nk'uwikorera. Gira urukundo, ukuri n'urugwiro maze muri wowe utuzemo ubushishozi. Nta nyungu yo kwica no gusahura, nta nyungu y'inzika, ishyari no guhora. Inyuma ni habi, ntukahasubire, kura ujya ejuru ni imvugo y'abasogokuruza.

Wowe wiga gira umugambi wo kwigira kugarura ubwiye mu banyarwanda; bitabaye ibyo, waba uruhira ubusa kuko abarworetse bize menshi. Ni ahawe rero ho gusibanganya isura mbi Bagosora, Kantano, Kambanda, Sindikubwabo n'abandi benshi basigiye igihugu cyacu.

Gira ubutwari bwo gusanga uriya utiga musabane, mwungurane ibitekerezo, mubwizanye ukuri, mushishoreze hamwe igikwiye, kugira ngo tudakomeza kuba ibikoresho by'abafite inyungu zabo. Sanga uriya warihozemo akaba atararisubiramo umuhumurize, umukure mu bwigunge; mpamya ko na we azakungura byinshi. Na we utize wikwiheba, ubwenge si ubwigirwa mu ishuri gusa, ufite byinshi, gira ubushake bwo kubitanga maze twiyubakire urwatubye.

Tuzasubira tunganire gusa murabe ba mudatenguha; mbye nsanze abayobozi b'amadini.

Mu marorerwa yabaye iwacu, abihaye Imana n'Abapasiteri bamwe bahabereye ibigwari, baratandukira ku buryo ubu amadini amwe asa n'ayahatereye agaciro. Ibyari ingoro z'Imana byabaye amabagiro y'inzirakarengane, abari abahamya b'ukuri bahamya uburyo Imana yatanze abantu ! Yego si bese, ariko umukobwa aba umwe agatukisha bese ! Simbabuza kumenya politiki kuko ari ngombwa, ariko birinde kuvanga amasaka n'amasakaramentu binjira mu mashyaka ya politiki. Birakwiye ko bavugurura imyigishirize yabo, maze ya nteruro ya Bibiriya ivuga ngo "mwumve ibyo mvuga ntimurebe ibyo nkora" igasimburwa n'indi iri mu ibaruwa ya Yakobo ivuga ngo "Ukwemera kutagira ibikorwa kuba kwarapfuye".

Nibatoze abanyarwanda ubwiyunge, urukundo no kubabarirana; nibasane imitima yabo mbere yo gusana izo ngoro z'amatafari kuko imitima niyo ikenewe, maze basubize Imana agaciro abanyarwanda twese twayitesheje. Ndabashimira inkunga batera imfubyi n'abapfakazi, kandi ndabasaba no kuyongera. Ndabizi ntibyoro shyeye ariko n'ubundi intwari iboneka ahakomeye. Iyabatoye izababa hafi gusa bayikundire ntibayitenguhe.

Mboneyeho umwanya wo gusaba buri mu Kirisitu kureba niba adasebya iryo zina ! Birababaje kubona amahano yabaye iwacu kandi mpamya ko 90% babatije ! Ndasaba buri wese kugaruka ku kwemera kwe, gusaba imbabazi z'ibyaha nje naburiye izina kuko ari umwihariko w'u Rwanda ku isi hose. Dupfukamishe amavi y'umutima maze dusabe ingabire yo kubabarira, twihatire kugira urukundo dushishoze twoye kuzongera kuba ba "Nyiranjyiyobijya", maze twese duhagurukire gushaka ubwiyunge. Burya aryoha avunaguye, niyo mpamvu ntasezeye ahubwo nsanze umucamanza.

Reka nawe tunganire. Izina ryawe rirakuranga kuko rikomeye cyane. Izi manza z'amahano iwacu zari zikwiye guca Imana; ariko noneho igihugu cyarakwizeye kigushinga uwo murimo. Uratubere "UMUTABAZI". Iri zina rifite agaciro iwacu i Rwanda kuko yamenaga amaraso ye u Rwanda rugacyura umutsindo.

Uratubere umutabazi w'ukuri koko wirinde "munyangire" na ya ndwara ya "mpa mire". Ihutishe imanza, ukwiye guhanwa ahanwe ariko n'urengana arenganurwe; iperereza rikorwe by'ukuri, umuntu ye kuva i Butare ngo ajye gushinja i Kigali yenda amahano yarabaye umwe ari i Kibungo undi ari i Burundi. Gacaca ivugururwe iwacu kuko ari ho amahano yakorewe, ariko ishingwe inyangamugayo. Ndasaba rwose ko imanza zihutishwa ku buryo bushobotse, bityo bizagabanya imijinya ya rubanda.

Tabara uriya mwana wumanye uruhago ku mutwe agemurira uwo batafatanyije icyaha, akaba avutswa uburenganzira bwe bwo kwiga kandi na we atezweho byinshi. Gabanya abanyururu kuri Komini maze uwo mwana asubizwe ibyo yavukijwe. Ikibazo cye ndakigutuye uzagishakire umuti ukwiye.

Sinsezera ndanzura, kuko usaba atarambirwa. Nasabye ubwuzuzanye mu nzego zose, nasabye kurangwa n'ukuri muri byose. Nasabye umutegetsu kwegera umuturage agatozwa ubwiyunge no gukunda umurimo, kuko ariwe shingiro ry'amajyambere. Nasabye umuturage kujijuka akareka kuba "nyiranjyiyobijya". Nasabye ababyeyi kuvugurura uburere no kugarura umuco i Rwanda. Nasabye urubyiruko gushyira hamwe imbaraga zacu, gushishoza tugatanga umuti ukwiye kuko ari twe tuzubaka urwatubyaye. Nasabye abayobozi b'amadini kuvugurura inyigisho no gusana imitima. Nasabye abacamanza ko bakora uko bashoboye imanza zikihutishwa kandi bagakomera k'ukuri. Mbese buri munyarwanda ashyire ukuri mu bikorwa aho kukuririmba mu magambo.

Muvandimwe rero ndakwinginze, ntanze icyo mfite nawe uzatange icyo ufite, maze dufatane mu nda twishakire inzira y'ubwiyunge. Dukore nk'abikorera, turwubake rwaratubyaye. Twiyunge turavukana, twiyemeze kururwanirira tuzahura ubwiyunge mu bana b'u Rwanda. Bityo tuve ibuzimu tujye ibuntu.

NYIRATUZA Vénérande
4ème Année
Option Action Sociale
Ecole Sociale Karubanda